# Imbuto y'Umwiryane

Phoenix, Arizona, USA

18-01-1965

1 Uyu mugoroba nahisemo nk'umwandiko mugufi, cyangwa nk'igisomwa kigufi, Uwiteka nabishaka, kuduha igisobanuro cyabyo, kivanywe muri Matayo Wera 13:24 kugeza kuri 30. Kandi na none ndandashaka no gusoma kuva kuri 36 kugeza kuri 40, mu kanya gato. Noneho Matayo Wera, igice cya 13, guhera ku murongo wa 24 w'igice cya 13 cya Matayo Wera. Mutege amatwi mutuje ugusoma kw'Ijambo. Amagambo yanjye azananirwa, ariko Aye ntateze kuzananirwa.

> *Ni uko abacira undi mugani aravuga ati: "Ubwami bwo mu ijuru bugereranywa n'umuntu wabibye imbuto nziza mu murima we.*
>
> *Ni uko abantu basinziriye, umwanzi araza abiba urukungu mu masaka, aragenda.*
>
> *Ni uko amaze kumera no kwera, urukungu na rwo ruraboneka.*
>
> *Abagaragu be baraza babaza umutware bati 'Mutware, ntiwabibye imbuto nziza mu murima wawe? None urukungu rwavuye he?'*
>
> *Ati: 'Umwanzi ni we wagize atyo.' Abagaragu be baramubaza bati: 'Noneho urashaka ko tugenda tukarurandura?'*
>
> *Na we ati: 'Oya, ahari nimurandura urukungu murarurandurana n'amasaka.*
>
> *Mureke bikurane byombi bigeze igihe cyo gusarurwa. Mu isarura nzabwira abasaruzi nti: Mubanze muteranye urukungu muruhambire imitwaro rutwikwe, maze amasaka muyahunike mu kigega cyanjye.'"*

2 Mwabibonye: "Mubanze kurunda urukungu, maze muruhambire mu miba"? Noneho, mu gusoma ibi, hari ikintu kidafututse cyanje mu bitekerezo ubwo nari nicaye mu mpinga z'imisozi Katalina (Catalina) uriya mugoroba, mu isengesho. Hanyuma nibajije aho nashobora kubona ijambo ryamfasha kuri uwo mutwe nashakaga kuvugaho muri uyu mugoroba.

Kandi naramanutse maze mbona ijambo DISCORDE(umwiryane), nuko mfata inkoranyamagambo maze ndeba icyo iri jambo DISCORDE(umwiryane) aka rivuga. Kandi risobanura ni "kubiba umwiryane", cyangwa - cyangwa "kuba uhabanye", ni cyo Webster ivuga, "kubiba umwiryane, ikintu kinyuranye", cyangwa "kuba uhabanye n'ibyari bisanzwe". Rero natekereje, ikibwiriza cy'uyu mugoroba, ko nagiha umutwe: LA SEMENCE DE DISCORDE( imbuto y'umwiryane). Kandi mfite icyizere ko Uwiteka ari buhe Ijambo umugisha noneho, mu gihe turitangira.

3 Kandi tunazi ko Yadusobanuriye, ku murongo wa 36 no - no kugeza ku murongo wa 43, Atwereka uburyo iyo mbuto yageze mwero wayo. Mu gihe turiyo, tuhasome na twe, duhereye ku murongo wa 36, noneho, kugeza ku murongo wa 43.

> *Maze asezera ku bantu yinjira mu nzu, abigishwa be baramwegera bati: "Dusobanurire umugani w'urukungu rwo mu murima."*
>
> *Arabasubiza ati: "Ubiba imbuto nziza ni Umwana w'umuntu,*
>
> *Umurima n'isi, imbuto nziza ni zo bana b'ubwami, urukungu ni abana b'Umubi,*
>
> *Umwanzi warubibye ni Umwanzi, isarura ni imperuka y'isi, abasaruzi ni abamarayika.*
>
> *Nk'uko urukungu rurandurwa rugatwikwa, ni ko bizaba ku mperuka y'isi.*
>
> *Umwana w'umuntu azatuma abamarayika be, bateranye ibintu bigusha byose n'inkozi z'ibibi babikure mu bwami bwe,*
>
> *Babajugunye mu itanura ry'umuriro. Ni ho bazaririra bakahahekenyera amenyo.*
>
> *Icyo gihe abakiranutsi bazarabagirana nk'izuba mu bwami bwa Se. Ufite ugutwi… niyumve."*

4 Ni Yesu Ubwe usobanura uwo mugani, ni yo mpamvu tuzi igisobanuro cyawo. Kandi noneho, nk'uko dutangiye ibi, iriya mbuto yabibwe kandi - kandi igasarurwa, dore ngo Arayisobanura. Kandi na none, nizera ko Yesu yavugaga uyu mugani mu gihe Cye, ariko akaba ari ibigomba gusohora mu gihe cy'imperuka y'isi, cyangwa ku iherezo ry'igihe, ni ukuvuga ubungubu. Kandi nizera ko iyi mirongo y'Ibyanditswe y'uyu mugoroba iberanye neza cyane n'igihe turimo. Mu by'ukuri, Yesu yagaragaje neza hano ko "ikusanirriza hamwe ry'abantu ryajyaga kuba ku mperuka y'isi", ko ari bwo imperuka yakagombye kuba, ko ingano zakabaye zihunikwa mu kigega, kandi ko urukungu na rwo rwakabaye ruhambirwa maze rugatwikwa, kandi ko ingano zakabaye zajyanywe mu Bwami. Kandi nizera ko byari ibyo.

Indi mirongo y'Ibyanditswe intera kwizera ko ari ibyo, nayanditse hano, ni Matayo 24:24, ahanditswe, hariya, bavuga ku ntebe… DE LA SEMENCE DE DISCORDE, Yesu yavuze ko byombi byakabaye byenda gusa ku buryo byakayobeje n'intore iyo bijya kuba ibishoboka. Wenda kuba wabyitiranya

5 Hari ahandi hantu mu Byanditswe handitswe, ko imvura igwa ku beza no ku babi.

Ndibuka umwitozo wanjye, ubwo, ubwa mbere, nisangaga mu bapantekote. Nari i Mishawaka, muri Indiana. Nari mu giterane gikomeye, mu cyumba gisa n'iki, aho abo mu Majyaruguru n'Amajyepfo bari bateraniye. Mu by'ukuri, icyo gihe, kubera ivangura, byabaye ngombwa ko bateranira hariya. Yari amadini abiri akomeye ya bene Data b'abapantekote. Sinari narigeze kumva aho babavuga mbere. Ni aho, ubwa mbere numviye umuntu uvuga mu ndimi. Kandi ku mpera y'umurongo w'intebe, mu giterane…Nk'uko ntari umwe wo muri bo, - nari byonyine umusore w'umubwirizabutumwa w'umubatisite, -niyicariye inyuma. Kandi ndibuka, ubwa mbere numva aho umuntu avuga mu ndimi, nta n'ubwo nari nzi ibyo - ibyo ari byo. Icyo gihe, hari abo bagabo babiri, na bo, bari bicaye imbere. Umwe muri bo yavugaga mu ndimi, na ho undi akazisobanura ibyo mugenzi we yabaga amaze kuvuga. Mu by'ukuri, natangiye kwiga Bibiliya yanjye ubudahwema icyo gihe, maze mbona ko byari muri Bibiliya. Neza neza muri Bibiliya havuga ko ari byo Mwuka Wera yajyaga gukora.

6 Mu by'ukuri, wenda bukeye. Iryo joro, umutima wanjye wari wihindurije. Naraye mu murima w'ibigori. Sinari mfite amafaranga ahagije yo kwirihira u-u-uburyamo, icyo gihe, nari mfite gusa amafaranga y'itike yo yo kungeza imuhira. Niguriye amandazi, amaze iminsi akozwe, cyangwa ah'ubwo imigati, kandi, yari ifunguro ryanjye rya mu gitondo. Nashpboraga gusangira na bo, nari mpawe ikaze, ariko nta cyo nashoboraga gutanga nk'uruhare rwanjye rw'amafaranga. Icyo gihe, ryari ihungabana, 1933, icyo gihe cyari - cyari igihe kigoye by'ukuri. Icyo gihe, nibwira nti: "Mu by'ukuri, ngiye… Sinshaka gusangira na bo, ariko ndashaka kumenya icyo bafite. Hari icyo bafite ndafite."

Rero, icyo gitondo, na-… bambajije bati: "Ababwirizabutumwa mwese muze ku gicaniro, muvuge uko mwitwa, n'aho muturutse."

Mu by'ukuri, na-navuze gusa nti: "William Branham, umubwirizabutumwa, Jeffersonville", ndicara. Mu by'ukuri, icyo gihe ni njye mubwirizabutumwa muto wari uri ku gicaniro muri bose. Maze bukeye, bantumira ku gicaniro ngo mbwirize. Hanyuma, maze kubwiriza, mu by'ukuri, twagize ibihe by'umugisha, maze, nza kumenyana n'abantu benshi bantumira kujya kubwiriza mu nsengero zabo. Hanyuma, nyuma y'aho ba-…

7 Nyuma, mu by'ukuri, nibwira nti: "Iyo aba byonyine nari nshoboye kubona ba bagabo bombi b'ingenzi bavugaga mu ndimi bakanazisobanura!" Ni cyo cyagurumanaga mu mutima wanjye, narabishakaga cyane. Mu by'ukuri, nk'uko nabibabwiraga mu ntangiriro, impano nto umuntu agira imbarutso yo kunyeganyega. Urabizi, impano n'imihamagaro ntibigombera kwihana, ni ibyawe ubuzima bwawe bwose, urabona, urabivukana, niba ari impano z'Imana. rero, mporana, uhereye mu bwana bwanjye, nari mbifite. Abantu banzi kuva kera bazi ko ari ukuri. Mu by'ukuri, iyo aba, nari nibwiye… Icyo gihe, sinari nzi icyo ari cyo, babyitaga iyerekwa, sinari nzi by'ukuri icyo ari cyo. Ariko nibwiraga nti: "Iyo mba byonyine nari nshoboye kuvugana na bo!" Mu by'ukuri, kandi umwuka wari uri mu cyumba wanyumvishaga ko ari Umwuka w'Imana.

Rero, nashoboye kuvugana n'umwe muri bo, mubaza ibibazo bike, kandi yari umukristo w'ukuri. Nta kubishidikanyaho, uwo mugabo yari umwizera nyakuri. Na ho uwo mugabo undi, ubwo namuvugishaga, niba narigeze kuvugana n'indyarya, uwo yari yujuje ibyangombwa byo kuba yo. Mu by'ukuri, uwo mugabo… Umugore we yari inzobe, kandi yari afitanye abana na… abana babiri n'umugore ufite imisatsi y'umukara. Nibwira nti: "Nkore iki noneho? Mbega ngo ndahera mu rungabangabo. Njye w'umunyamategeko, nta kindi nshaka kitari Ijambo, kitaba Ryo, ntikibe ukuri. Maze Mwuka, - umwe muri bo, nshingiye ku cyo mbiziho, yari afite ugutigita kw'ukuri, na ho undi akaba atari mwiza na busa, - maze Mwuka akamanuka kuri bombi. Ariko, bishoboka bite?" Icyo gihe, sinari nzi icyo gutekereza.

8 Nyuma y'imyaka ibiri, nasengeraga mu buvumo aho nagombaga kujya gusengera. Nuzura umukungugu mu buvumo, maze ku gicamunsi kimwe ndasohoka, ndambika Bibiliya yanjye ku mugogo w'igiti, maze umuyaga urahuha urayibumbura mu Baheburayo, igice cya 6. Havuga, ko mu minsi ya nyuma, uko byamera turamutse tuguye tukava ku Kuri hanyuma tukongera guhinduka bashya tukihana, nta kindi gitambo cy'ibyaha kiba kikibayeho, n'uburyo ayo mahwa n'ibitovu, byendaga kwangwa, iherezo ryabyo rikaba gutwikwa; ariko imvura igwa ku isi, akenshi, kuyuhira, kuyambika; ariko amahwa n'ibitovu byagombaga kwangwa, ariko ingano zagombaga guhunikwa. Kandi natekereje nti, "Ni byo, umuyaga warahushye urayibumbura." Ni byo, nongeye kurambika Bibiliya hasi. Hanyuma ntekereza nti, "Ni byo, nza…" Hanyuma umuyaga uraza maze urahuha irabumbuka. Ibyo byabaye incuro eshatu. Hanyuma ntekereza nti, "Ni byo, noneho, ntibisanzwe."

Hanyuma kandi mu guhaguruka, natekereje nti, "Mwami, kuki Wabumbura iyi Bibiliya kugira ngo nsome ibi, nda… mu gihe ngeze kuri ibi, aho 'amahwa n'ibitovu, bishigaje kwangwa, iherezo ryabyo rikaba ari

ugutwikwa'?"natekereje nti, "Kuki, wambumburira ibyo hariya?" Kandi nk'uko nareberaga kure.

9 Noneho,aya mayerekwa y'ukuri aza ari nta mbaraga mbishyizemo. Ni Imana yonyine. Urabona? Nararebye maze mbona isi yikaragaga imbere yanjye, hanyuma ko yari ihinze yose. Hari umuntu wambaye imyeru, agenda hose abiba ingano. Hanyuma arigendera; haje umuntu, uteye ubwoba, wari wambaye imikara, kandi yamishaga imbuto z'urumamfu hose. Byombi birakurana. Kandi icyo gihe, byombi byishwe n'inyota, kuko imvura yari ikenewe. Kandi buri cyose cyasaga n'igisenga, n'agatwe kacyo kubitse, "Mwami, ohereza imvura, ohereza imvura."hanyuma ibicu binini biraza, maze imvura igwa kuri byombi. Icyo gihe, ya ngano nto yarasimbutse maze itangira kuvuga iti, "Imana ishimwe! Imana ishimwe!" Na rwa rumamfu ruto rwari aho iruhande rwarabadutse ako kanya, maze ruvuga ruti, "Imana ishimwe! Imana ishimwe!"

Kandi ni uko iyerekwa ryasobanuwe. Imvura igwa ku bakiranutsi no ku bakiranirwa. Wa Mwuka umwe ashobora kumanukira mu materaniro, kandi buri muntu akanezezererwa muri We: indyarya, Abakristo, kandi bose hamwe. Ni ukuri. ariko ni ibiki? Imbuto zabo ni zo zibaranga. Urabona? Ni bwo buryobwonyinebyashoborakumenyekaniramo

None urareba, kuko amasaka y'ishyamba, cyangwa ingano z'ishyamba n'impeke rimwe na rimwe byigana impeke z'imuhira, z'umwimerere, bikaba byenda gusa ku buryo byakayobeje n'Intore iyo bijya gushoboka. Ntekereza ko turi mu gihe, aho bikwiye ko ibi bintu bibwirizwa by'umwihariko ka ndi bikavugwaho.

10 Reba mu murongo wa 41, byombi na byo bisa cyane, bisa cyane mu bihe bya nyuma ku buryo Ata… Ntiyashoboraga gushingira kuri iri dini cyangwa kuri ririya ngo Abone uko arobanura, tuvuge, abametodisite, cyangwa ababababatisite, cyangwa abapantekote, kugira ngo Abone uko arobanura. Yavuze ati, "Yohereza abamarayika Be kubarobanura."Marayikaaje kurobanura, gutandukanya icyiza n'ikibi. Kandi nta muntu Wabasha kubikora keretse Marayika w'Umwami Imana. ni We wenyine ugiye kuzatubwira icyiza n'ikibi ibyo ari byo. Imana yavuze ko izohereza abamarayika Bayo mu bihe bya nyuma. Atari abamarayika ibihe byose, hano, ah'ubwo abamarayika mu bihe bya nyuma, hanyuma bagateranira hamwe. Noneho tuzi ko twegereje igihe cy'isarura. Nyamara, marayika, mu by'ukuri, dushingiye ku gisobanuro cy'ijambo, ni "intumwa". Kandi tubona ko hari abamarayika barindwi b'amatorero arindwi, kandi noneho… oya, uko ibihe by'Itorero byagiye biha ibindi.

Murebe abo Yavuze ko ababibyi bari bo, kandi icyo urumamfu rwari rwo. Umwe, umubibyi yari We, Umwana w'Imana, Wagiye mbere abiba Imbuto. Hanyuma umwanzi aza inyuma ye, wari Satani, maze abiba imbuto y'umwiryane, inyuma y'ibiba ry'Imbuto nziza. Rero, ncuti, ibyo byabayeho binyuze muri buri gihe uhereye igihe twaboneye isi. Neza neza. Hose uhereye mu ntangiriro, ni bya bindibyakomejekubaho.

11 Nyamara Yavuze ati, "Imbuto y'Imana, Ijambo ry'Imana."Yesu yavuze, ahantu hamwe, ko "Ijambo ry'Imana ari Imbuto." Kandi imbuto yose izera ikurikije ubwoko bwayo. Kandi noneho niba Umukristo, abana b'Imana, abana b'Ubwami barahindutse Imbuto y'Imana, rero bagomba kuba Ijambo ry'Imana, Ijambo ry'Imana rigaragajwe mu gihe cyabo, kugira ngo babe Imbuto yasezeranijwe y'icyo igihe. Imana yatanze Ijambo Ryayo mu ntangiriro, kandi igihe cyose cyagize Imbuto yacyo, igihe cyacyo, amasezerano yacyo.

Noneho, ubwo Nowa yitabaga umuhamagaro, yari Imbuto y'Imana, Ijambo ry'Imana rya kiriya gihe.

Ubwo Mose yazaga, ntiyashoboraga kuzana ubutumwa bwa Nowa, ntibyashoboraga gukora, kuko yari Imbuto y'Imana kiriya gihe.

Hanyuma ubwo Kristo yazaga ntiyashoboraga kuzana igihe cya Nowa cyangwa cya Mose; cyari igihe Cye, icy'ubwo umwari yagombaga gusama inda kandi akabyara Umuhungu wari ugiye kuba Umucunguzi.

12 Rero, twabayeho mu gihe cya Luteri, icya Wesileyi (igihe cy'Abametodisite), uko ibihe byagiye biha ibindi, n'igihe cya Pantekote, kandi buri gihe cyahawe isezerano ry'Ijambo. Kandi abantu b'icyo gihe, ibyo bigaragaza ko Ijambo ryasezeranijwe, ari Imbuto ya kiriya gihe, dufatiye ku byo Yesu yavuze hano ati, "Ni abana b'Ubwami." Ni byo. Ukwigaragaza kwa Mwuka Wera akorera mu bana Be ni izo Mbuto z'Ubwami z'icyo gihe.

Itegereze, urukungu, ni we, umwanzi, Satani, wabibye umwiryane, ni we ushinjwa kuba yarakoze iryo shyano. Satani yabibye imbuto ye uhereye mu ntangiriro, ubwo Imana yashyiraga umusaruro Wayo wa mbere w'ibiremwabantu ku isi. Adamu, nta gushidikanya, yari asanzwe azi u-ubumenyi bw'ukuri, bw'icyiza n'ikibi, ariko byari bitaragera aho.

13 Ariko turabona ko, Imana yahaye abana Bayo Ijambo Ryayo ngo ribabere ingabo. Ibyabo… Nta yindi Ngabo dufite usibye Ijambo ry'Imana. Nta bisasu, nta bwugamo, nta bwihisho, haba muri Arizona cyangwa Carolina (Karolina), …haba aho ari ho hose; dufite Ingabo imwe rukumbi, kandi ni Ijambo. Kandi Ijambo ryambaye umubiri wa kimuntu, hanyuma riturana na twe, ari We Kristo Yesu, Ni We Ngabo yacu imwe rukumbi. Iyo turi muri We, tuba duhumurijwe.

Nta cyaha na gito kibarwa ku mwizera nyakuri. Wari ubizi? Uwabyawe n'Imana, nta cyaha akora, ntiyashobora gukora icyaha. Urabona? Nta n'ubwo kibarwa. Kubera iki, Dawidi yavuze ati, "Hahirwa umuntu Uwiteka atabaraho icyaha cye." Iyo uri muri Kristo, nta nyota y'icyaha ugira. "Umuramyi, iyo amaze kwezwa, ntiyongera kwibaraho icyaha," nta cyo wifuza. Rero, mu maso y'isi, washobora kuba umunyabyaha, ariko, mu maso y'Uwiteka, nta bwo uri we, kuko uri muri Kristo. Byashoboka bite ko uba umunyabyaha igihe waba uri mu Utagira icyaha, kandi Imana ibona Uwo urimo gusa.

14 Noneho iki gihe cy'isarura. Mu ntangiriro, ubwo Imana yabibaga Imbuto Yayo ku isi maze Ikayitanga mu mitima y'abana Bayo, umuryango Wayo, kurinda iryo Jambo, ni Ryo ryari Ingabo yabo rukumbi, rinda iryo Jambo! Dore ngo umwanzi araza akamena uro ruzitiro, mu kubiba imbuto y'umwiryane, ihabanye n'Ijambo ry'Imana. niba wari umwiryane mu ntangiriro, uracyari wo. Ikizagira icyo cyongera ku Ijambo ry'Imana, kiracyari imbuto y'umwiryane! Aho cyaba giturutse hose, cyaba giturutse mu idini, cyaba giturutse mu nzego za gisirikare, cyaba giturutse mu nzego z'ubutegetsi, ikintu cyose gihabanye n'Ijambo ry'Imana, ni imbuto y'umwiryane.

Iyo umuntu ahagaze maze akavuga ko ari umubwiriza w'Ubutumwa Bwiza, hanyuma akavuga ko "iminsi y'ibitangaza yarangiye," iyo ni imbuto y'umwiryane. Iyo umuntu ahagaze maze akavuga ko ari umugaragu w'Imana, umushumba w'urusengero rw'i Bunaka, kandi akaba atizera ko Yesu Kristo adahinduka (uretse umubiri), akiri uko Yahoze, akaba ari na ko Azahora iteka ryose, iyo ni imbuto y'umwiryane. Iyo bavuze ko "ibitangaza n'igihe cy'intumwa, byarangiye", ibyo, ni imbuto y'umwiryane. Iyo bavuze bati: "Kuba Imana ikiza indwara, ntibibaho", iyo, ni imbuto y'umwiryane. Kandi isi irabyuzuye. Ntibiha ingano umwanya, birazinyoha.

15 Tubona ko uwabanje kubiba imbuto y'umwiryane, birazwi ko ari "Satani", kandi tuzi ko ari ibyo, Itangiriro 1. Noneho tubona, hano, mu-mu Gitabo cya Matayo, mu gice cya 13, Yesu aracyashyira ikimenyetso ku kitemeranya n'Ijambo Rye cyose, ko ari icya "Satani". Kandi muri uyu mwaka wa 1956, igiteza umwiryane cyose, gihabanye n'Ijambo ry'Imana ryanditse, cyangwa kirisobanura uko cyishakiye, ni imbuto y'umwiryane. Imana ntizubahiriza ibyo. Ntiyabishobora. Ntibizivanga. Nta gushidikanya. Ni nk'akabuto ka sinapi; nta kindi kazivanga na cyo, ntushobora kugira icyo ukavanga na cyo, kagomba kuba ari umwimerere. Imbuto y'umwiryane!

16 Noneho tubonye ko, igihe Imana yabibaga Imbuto Yayo mu ngobyi Edeni, tubona ko yeze Abeli. Ariko ubwo Satani yabibaga imbuto ye y'umwiryane, yeze Kayini. Imwe yeze umukiranutsi, na ho indi yera umukiranirwa. Kuko Eva yateze amatwi ijambo ry'umwiryane, rihabanye n'Ijambo ry'Imana, kandi ni ubwo umupira w'icyaha watangiye gutogoka, kandi uhereye icyo gihe, ntiwaretse gutogoka. Kandi ntituzigera dushobora kuwikiza byuzuye, igihe cyose abamarayika bazaba bataraza kurobanura, mu gihe Imana izatwara abana Bayo mu Bwami, hanyuma urumamfu rugatwikwa. Murebe iyo mizabibu yombi.

Iyo tuba twari dufite igihe gihagije kuri iki cyigisho, ariko tugiye kureba imirongo y'ingenzi, kugira ngo tubashe gusengera abarwayi tudatinze, mu minota mike.

17 Mwitegereze, imbuto zabyo zamereye hamwe, neza neza nk'uko Imana yabivuze na hano, mu gice cya 13 cy'iki gisomwa cy'uyu mugoroba, muri Matayo: "Nimureke bikurane." Nyamara, Kayini yagiye mu gihugu cya Nodi ahibonera umugore, maze aramurongora. Abeli, we, yarishwe, maze Imana ihagurutsa Seti ngo amusimbure. Kandi uhereye icyo gihe, ibihe byahaye ibindi, ukuri n'ikinyoma bibangikanye. Noneho, tubona ko, buri gihe, uko ibihe biha ibindi, byishyize hamwe, hanyuma Imana biba ngombwa ko… Ubugome bwaragwiriye ku buryo byabaye ngombwa ko Imana irimbura.

Ariko izo mbuto zombi zaje kwera, imbuto y'umwiryane n'Imbuto y'Imana zeze buri yose umutwe wayo nyakuri, iherezo ryabyo byombi rikaba Yuda Isikaryota na Yesu Kristo. Mu by'ukuri, Yari Imbuto y'Imana, Yari itangiriro ry'irema ry'Imana, nta kindi Yari cyo usibye Imana. kandi Yuda Isikaryota yavutse ari umwana wo kurimbuka, yaturutse ikuzimu, asubira ikuzimu. Yesu Kristo yari Umwana w'Imana, Ijambo ry'Imana rigaragajwe. Yuda Isikaryota, ku bw'umwiryane we, yari imbuto ya Satani, yari yaraje mu isi, kandi, azanywe no gushukana; neza neza nk'uko yari ari mu ntangiriro, muri Kayini, umukurambere we.

18 Yuda nta kindi yakoraga mu rusengero usibye kwikinira gusa. Nta bwo yari umunyakuri mu by'ukuri, mu by'ukurinta kwizera yari afite ntaba yaragambaniye Yesu. Ariko, murebe, yabibye iyo mbuto y'umwiryane. Yatekerezaga kugirana ubucuti n'isi, mamoni, kandi akaba n'incuti ya Yesu. Ariko byari byamaze kuba impitagihe kugira ngo abe yashobora kugira icyo abihinduraho; ubwo igihe cya nyuma cyageraga, ubwo yakoraga iryo shyano, yarenze igaruriro, ritandukanya gukomeza imbere no guhindukira ukagaruka. Byabaye ngombwa ko akomeza imbere, nk'umugome. Yabibye imbuto y'umwiryane, ashakisha uko yabonwa neza n'amadini akomeye ya kiriya gihe, abafarisayo n'abasadukayo. Kandi yatekerezaga ko yakwibonera amafaranga atyo kandi akabonwa neza n'abantu. Nticyaba ari cyo gitera abantu benshi kwiroha muri uwo mwiryane: bashakisha uko babonwa neza n'umuntu! Tubonwe neza n'Imana, atari ukubonwa n'umuntu. Ariko ni byo Yuda yakoze, ubwo uwo mwiryane wasohoreraga muri we.

19 Kandi tuzi ko Yesu yari Ijambo, Yohana Wera 1, ni ko yavuze, "Mbere na mbere hahozeho Jambo, kandi Jambo yahoranye n'Imana, kandi Jambo yari Imana. kandi Jambo yabaye umuntu maze Aturana na

twe." Hanyuma, Ijambo ni Imbuto, maze Imbuto yambara umubiri hanyuma itura hagati muri twe.

Niba Yuda yari imbuto y'umwanzi n'iy'umwiryane, na yo yambaye umubiri, kandi iturana na twe muri Yuda Isikaryota. Ntiyigeze agira ukwizera, ukwizera nyakuri. Yari afite icyo yatekerezaga kuba kwizera. Washobora kugira ukwizera, ndetse ukaba wagira ukwizera kwa nyirarureshwa.

Kandi ukwizera nyakuri kw'Imana kuzizera Imana, kandi Imana ni Ijambo: ntiguteze kuzaryongeraho na gato. Bibiliya itubwira ko iyo turyongeyeho na gato cyangwa tukarigabanyaho na gato, umugabane wacu uzagabanywa ku Gitabo cy'Ubugingo, Ibyahishuwe 22:18, igice cya nyuma gisoza.

20 Mbere na mbere, Igitabo cya mbere cya Bibiliya, Imana yababwiye kutica Ijambo Ryayo na rimwe, "buri Jambo rigomba gukomezwa," bagomba kubeshwaho n'iryo Jambo. Yesu, hagati mu Gitabo, yaraje kandi Avuga ko, mu gihe Cye, Yavuze ati, "Umuntu ntabeshwaho n'umutsima wonyine, ah'ubwo n'Ijambo ryose ri-rivuye mu kanwa k'Imana." Kandi mu gihe gisoza cy'Ihishurirwa, twaburiwe hakiri kare ko "ni hagira uzakura n'Ijambo na rimwe mu Gitabo, cyangwa akacyongeraho n'Ijambo na rimwe, umugabane we uzakurwa ku Giti cy'Ubugingo".

Ni yo mpamvu ari nta cyo gushidikanywaho, ah'ubwo Ijambo nyakuri ry'Imana rimwe gusa, ritavangiye! Abo ni bo bahungu b'Imana, abakobwa b'Imana, batabyawe n'ubushake bw'umuntuhabe no gukorana mu ntoke kw'abantu cyangwa uburyo bw'umubatizo ubwo ari bwo bwose, ah'ubwo babyawe na Mwuka w'Imana, na Mwuka Wera, kandi akaba ari bo Ijambo ry'Imana ryigaragarizamo. Ngiyo Imbuto nyakuri y'Imana!

21 Umwanzi yinjira mu itorero, maze akaba umunyedini (umworutodogisi) wa cyane, mu muhango cyangwa ikindi kintu nk'icyo. Ariko si… Ibyo,ni umwiryane, igikoresha urwo rubyaro nyakuri rw'Ukuri ari rwo Jambo ry'Imana.

None twamenya dute? Tuvuga tuti, "Mu by'ukuri, bo, waba ufite uburenganzira bwo kubisobanura?" Oya mugabo! Nta muntu n'umwe ufite uburenganzira bwo gusobanura Ijambo ry'Imana. Yibereye umusobanuzi Ubwayo. Itanga isezerano, hanyuma Ikarisohoza, ubyo ni byo bisobanuro Byaryo. Iyo Itanze isezerano, Irarisohoza, ni cyo gisobanuro Cyaryo. Igihabanye n'Ijambo ry'Imana cyose, ni umwiryane! Nta kabuza!

Noneho, nk'uko nabivugaga, Yuda nta kwizera nyakuri yari afite. Yari afite ukwizera kwa nyirarureshwa. Yari afite u-ukwizera kwamuteraga gutekereza ko yari Umwana w'Imana, ariko nta byo yari azi, ko yari Umwana w'Imana. ntaba yarakoze ibyo. Kandi umuntu wemera gutatira Ijambo ry'Imana, aba afite ukwizera kwa nyirarureshwa. Umukozi nyakuri w'Imana azatsimbarara kuri iri Jambo.

22 Uriya mugoroba, umugaragu w'Imana umwe, wo muri Arizona, wo mu ishuri ry'ikirangirire mu murwa, hano, yaje kundeba, maze ambwira ati, "Na-nashakaga kugira icyo ngukosoraho," (mvuga…) "iyo ugize amahirwe." Mvuga nti, "Nta mahirwe yarenga aya. Ngwino rero."

Maze ahita aza, avuga ati, "Bwana Branham, uriho uragerageza… Nizera ko uri umunyakuri kandi ukaba inyangamugayo, ariko uriho uragerageza kwereka isi Inyigisho za gitumwa." Hanyuma avuga ati, "Igihe cy'intumwa cyarangiranye n'intumwa."

Mvuga nti, "Ikintu cya mbere nifuzaga kukubaza, mwene Data, waba wizera ko buri Jambo ry'Imana ryahumetswe?" Asubiza ati, "Yego, mugabo, ndabyizera."

Mvuga nti, "None, wabasha kunyereka mu Ijambo aho igihe cy'intumwa cyahagarariye? Noneho, nyereka aho biri, ndahita nizerana na we." Maze mvuga nti, "Umwanditsi w'igihe cy'intumwa, uwari ufite imfunguzo z'Ubwami, ku munsi wa Pantekote ubwo igihe cy'intumwa cyatangiraga, bavuze bati, 'Bagabo bene Data, mbese tugire dute ngo dukizwe?' Asubiza ati,'Nimwihane, umuntu wese wo muri mwe, abatizwe mu Izina rya Yesu Kristo, kugira ngo ababarirwe ibyaha, na mwe muzahabwa iyi mpano ya Mwuka Wera, kuko isezerano ari iryanyu, n'abana banyu, n'abari kure bose abazahamagarwa n'Umwami Imana yacu.' None, byashoboka bite ko Ijambo ryivuguruza?"

Uwo mugabo avuga ati, "Ibicurane bimereye nabi muri uyu mugoroba."

Mvuga nti, "Ndemeranya na we." Urabona?

Noneho, mbwira, mbese Imana yaba igihamagara? Niba Imana igihamagara, rero turacyari mu gihe cy'intumwa, kuko uko Yesu Kristo yari ari ejo, n'uyu munsi ari ko Akiri n'ibihe byose.

23 Rero, turabona ubu ko uwo mwiryane wabibwe mu bihe byose. Iyo mba nari nshoboye kubibereka mu minota cumi cyangwa cumi n'itanu, nakabikoze, ariko ntibishoboka. Uko ibihe byagiye biha ib indi… Twese, abenshi muri twe, dusoma Bibiliya. Urugero, ubwo Yesu yazaga, Yabonye ko hari uwo mwiryane, ikintu gihabanye. Yari Ijambo rigaragajwe, Yari ugusobanura kw'Ijambo kw'Imana, kuko Yavuze iti, "Murondora mu Byanditswe, kuko mutekereza ko ari Ho mufite Ubugingo Buhoraho, kandi ari Byo bimpamya." Ngibyo. Ya-yari igisobanuro cy'Ijambo. Muri inzandiko zanditse, zisomwa n'abantu bose.

Yego.

Mwitegereze, Yavuze iti, "Bandamiriza ubusa, babwiriza umwiryane nk'Inyigisho. Bandamiriza ubusa, bigisha umwiryane nk'Inyigisho, inyigisho z'abantu, amahame y'abantu, bigisha ko ibyo ari Ijambo ry'Imana, mu gihe ari nta ho bihuriye n'Ijambo ry'Imana."

24 Nimurebe, buri gihe cyatanze umusaruro bene uwo, ibihe byose byarabikoze, n'icyacu nticyasigaye. Turabona bimwe, ndetse muri iki gihe ibirenze ibyo mu bihe byose bihurijwe hamwe. Kuko tugeze ku mperuka y'isi. Umwiryane uri ku isi none urenze uwigeze kubaho kuri iyi si. Mu bindi bihe, umwiryane wabajyanye kure y'Imana y'ukuri kandi nzima ubajyana mu bigirwamana. None, Yesu yavuze ati, muri Matayo 24:24, ko bizaba bisa cyane ku buryo byakayobeje n'Intore iyo aba byashobokaga. Muravuga umwiryane! Yoo, biri SUBTIL cyane. Satani ari hagati y'abantu, kandi azi ubwenge cyane, uriya munyatewolojiya, uriya mudogiteri muri tewolojiya ku buryo ashobora kwigisha Ijambo mu buryo busa n'ubutunganye. Yesu yarabivuze. Ariko mumwitegereze neza, ahantu hamwe hari ikizahaba. Azavuga ati, "Mu by'ukuri, ibyo, hariya, ntibyari ibya hano." ahaa, yego, nta kabuza, murabona, kuko Imana yavuze ko ari cyo byari cyo.

25 Reba icyo byakoze. Wa mwiryane umwe wazanye uburakari bw'Imana ku minsi ya Nowa, ubwo Imana yoherezaga umuhanuzi Wayo hanze maze akabwiriza nk'ibirimi by'umuriro, ahamagariraabantu kwihana, hanyuma umwiryane wamizwe n'amazi. None ni iki Satani yakoze? Yahise agaruka muri Hamu, maze atangira kubiba. Ni ukuri pe.

Hanyuma haza Mose, umuhanuzi ukomeye, ngo avane abana ba Isirayeli mu butayu. Ni iki cyabaye? Mose, umuhanuzi ukomeye w'Imana, yabazaniye Ukuri kudakuka, Ukuri guhamijwe. Yari yarahuye n'Imana. Imana yahamije ko yari yarahuye na Yo. Kandi abantu, hariya,bariya batambyi, bari bafite amadini yabo, imihango yabo, imigenzo yabo, n'ibindi, ariko Mose yahagaze hariya, nk'ihamya ry'igisobanuro cy'Ijambo. Ntukabyibagirwe! Mose yari igisobanuro cy'Imana cy'isezerano Ryayo. Yari yaravuze ko Yajyaga kubikora. Yari igisobanuro cy'Imana.

26 Ni iki cyabaye? Itorero rigisohoka muri Egiputa, ryari rimaze iminsi mike mu nzira, hanyuma ni iki cyaje kuba? Satani yazanye umwiryane we mu muntu, Kayini wa kabiri, ari we Balamu, maze abiba umwiryane muri bo. Tuzi ko ari ukuri. Uwo Balamu,izo nyigisho za Balamu, ari zo "twese turi bamwe, dukorera Imana imwe na mwe", ubundi, yari mu kuri, kuko yatambye igitambo Imana yatambaga, amapfizi y'intama arindwi, impfizi ndwi ku bicaniro birindwi, maze asenga ya Mana, mu buryo butunganye buhwanye n'ubwa Mose hariya mu butayu, byari bimwe. Ariko ntibari bamwe! Ibyo byadushushanirizaga ibyari bigiye kuba. Kandi aho, hari Kayini, ugaragajwe mu mu-muntu ari we Balamu. Kandi hari Imana igaragajwe mu muntu ari we Mose, yasobanuraga Amagambo Yayo binyuze mu muntu, yimenyekanisha Ubwayo, isezerano Ryayo, binyuze mu muntu. Hanyuma umwiryane wishyira hejuru.

Ni nuko yabikoze mu gihe cya Yuda, yazanye umwiryane

27 Kandi, mwibuke, iki cyaha abo bantu bemeye, ko "twese turi bamwe, turamya Imana imwe, twakagombye kuba itorero rimwe, twakagombye kuba ubwoko bumwe", icyo cyaha nticyigeze kibabarirwa Isirayeli! Yesu ubwe, yavuze ati, "Barapfuye bose!"

Bararimbutse, uretse batatu bo muri bo. Abahagaze neza maze bakizera isezerano. Ubwo inkoko zanyagiwe zavugaga ziti, "Nta bwo twashobora guhindura kiriya gihugu, abo duhanganye baturusha imbaraga", n'ibindi; Kalebu na Yoshuwa bacecekesha rubanda, maze bavuga bati, "Turengeje gushobora kugihindura, kuko Imana yabidusezeranije! Uko ibiturwanya byaba bingana kose!"

Kandi dushobora gukomeza kubwirizaugukiza indwara kw'Imana, n'umubatizo wa Mwuka Wera, dugakomeza kugira imbaraga z'Imana kugira ngo twitandukanye n'iby'isi. Imana yarabivuze! Igihe cy'intumwa nticyigeze kigira iherezo, kandi nta herezo kizagira, kirakomeza.

rero, turabona uwo musaza w'umubibyi w'umwiryane. Kandi, mwibuke, icyo cyaha nticyigeze kibabarirwa kiriya gihe, bimeze bite ubu, mu gihe i-imbuto nyakuri y'ibihe byose iriho yihuza?

28 Mwitegereze iki kintu gikomeye Balamu yakoze, cyarakomeje, kandi kirakomeza, kiganisha ku kuza kwa-kwa Yuda Isikaryota, n'ukwa Yesu. Byari ibiki? Yuda na Yesu bari ishusho nziza cyane ya Kayini na Abeli. Mu by'ukuri, nk'uko Yuda yari umunyedini, Kayini yari umunyedini. Kayini yubatse igicaniro, atamba igitambo, aramya Imana, yabikoranye ubunyakuri nk'ubw'undi. Ariko, murabona, nta guhishurirwa icyo Ijambo ryari cyo yari afite. Yatekerezaga ko Adamu na Eva bari barariye za pome cyangwa imbuto. Kandi Kayini… Abeli, binyuze mu guhishurirwa, yari azi ko ari ikinyoma; ni ukubera amaraso bari barasohowe, maze atamba umwana w'intama. Kandi Imana ihamya ko ituro rye ari ryiza. Ni yo mpamvu yagize ishyari maze agerageza kwica mwene nyina. Kandi, nk'uko yiciye mwene nyina ku gicaniro kimeze nk'icyo igitambo cye cyari cyapfiriyeho, umwana w'intama wari wapfiriye ku gicaniro, ni kimwe n'ibya Yuda Isikaryota wagambaniye Yesu Kristo ku gicaniro cy'Imana, maze aramwica nk'uko Kayini yari yarishe Abeli. Mu by'ukuri, Kayini yari imbuto y'umwiryane.

Ni bimwe kuri Balamu, umuhanuzi w'umucancuro, umugabo wakabaye arushijeho kugira ubwenge. Imana yaramuburiye ikoresheje ibimenyetso n'ibitangaza, kugeza n'ubwo inyumbu yamuvugishirije mu ndimi zitumvikana, kandi atitaye kuri ibyo byose yarikomereje uko biri kose. Yari yaravukiye kuba u-umubibyi w'umwiryane.

29 Kandi niba Yesu yaravuze ko iki gihe cyajyaga kurangirira mu mwiryane w'ikirenga utigeze kubaho, igihe cy'Itorero cya Lawodikiya, cy'akazuyazi, cyamujugunye hanze y'itorero, ni ukuhe kundi byamera kutari uwo mwiryane! Nta gushidikanya ko ari uko. Urangira muri kiriya gihe.

Kandi byari byongeye kuba Kayini na Abeli i Kaluvari.

Noneho mwitegereze, nk'uko byahoze, uhereye igihe Yesu yagendeye, Ajya mu Ijuru, Mwuka Wera yongeye kutwoherererezwa. Iyo yari Imbuto, yahaga Ijambo Ubuzima, nk'uko twaraye tubivuze. Ni We ubeshaho Ijambo. Gutanga ubuzima bivuga kubeshaho. Mwuka Wera nyakuri abeshaho Ijambo gusa. Nta bwo Azabeshaho ihame, nta byo Yakora, kuko ari nta na gito cy'ihame kiba muri We. Ni We Buzima bw'Ijambo ry'Imana, kuko ari We Mana. Murabona? Kandi Abeshaho uriya Mubiri.

30 Noneho mwitegereze, icyo bakoze. Rero, Bibiliya ivuga, kandi-kandi Yohana yabwiye abana be avuga ati, "Bana bato, mwabwiwe ko antikristo yagombaga kuza mu isi," yavuze ati, "kandi yamaze kugera mu isi, kandi akorera mu bana bo kutumvira." Nyamara, ibyo byaba ari nk'imyaka mirongo itatu nyuma yo kuza kwa Mwuka Wera. Turabona ko, ubwo Mwuka Wera yazaga, Imbuto nyakuri, Uwahaga Imbuto Ubuzima, dore ngo wa mwiryane uragarurwa. Kandi mwitegereze, byakomeje bityo.

Ijambo nyakuri ryari ryarahamijwe, abahanuzi ba kera bari barahamije ko Ijambo ry'Imana ryari Ukuri. Niba hari umuntu hano wamaze gusoma Inama y'i Nikeya, cyangwa Inama Ibanziriza Nikeya, iminsi cumi n'itanu ya politiki ifite inyota y'amaraso, aho ririya tsinda ry'Abaroma ryashatse gushyiraho, kugira idini iryo torero. Abahanuzi baraje, bambaye impu z'intama, barya ibyatsi, maze bahagararana n'Ijambo! Hanyuma haboneka musaruro ki? Byagombaga kumera nk'ibya Kayini, byagombaga kumera nk'ibya Abeli, umwe muri bo yagombaga gupfa. Nta gushidikanya, ni ko byagenze. Kandi Ijambo ryatakaje ikongeza ryaryo ku bantu, kandi, binyuze mu itora rusange baheje Ijambo nyakuri, maze bakira inyigisho z'umwiryane z'idini gatolika rya mbere. Bongeyeho umupapa, bongeraho umwepisikopi, bongeraho iki, kiriya, n'ikindi. Bakuyeho igisobanuro nyakuri cya Petero, n'icya-cya-cya Mariya, na-n'icy'ibindi byose; bishyiriyeho ibigirwamana, maze bahindura burundu iryo ngirwayobokamana rya gikristo mo umuhango wa gipagani. Byari ibiki? Imbuto y'umwiryane! Kandi bahinduye, bahinduye idini, bwa mbere mu isi, itorero. Byari ibiki? Iyo mbuto y'umwiryane yari yatangiye kubiba, icyongerwagaho, icyagabanywagaho.

31 Ni nde umaze kumva ahavugwa, muri Bibiliya, kutarya inyama ku wa gatanu? Ni nde waba amaze kumva ahavugwa, muri Bibiliya, ikintu nko gusukirwa utuzi ku two ku gahanga mu cyimbo cy'umubatizo wo kwibizwa? Ni nde waba amaze kumva biriya bintu, nka "ndakuramutsa, Mariya", cyangwa ikintu kimwe nk'icyo? Ni nde waba amaze kumva ahavugwa bimwe by'ubwo bupfu dusanga mu baporoso? Imbabura ntiyaseka resho. Ni ukuri! uwacumuye kuri gato yacumuye kuri byose, ngibyo! Ni nde waba yarumvise aho Imana yaba yarigeze gukorera mu idini? Nimunyereke ku ncuro imwe aho rimwe muri yo ryahindutse idini maze rigakomeza kugira ubuzima. Yahise apfa ako kanya, kandi ntiyigeze abyuka! Harageze ngo hagire ikiba, harageze ngo Imana igire icyo ikora. Ibyo byangije ikongeza ku bantu.

Habaye bimwe ubu. Bangiza ikongeza, bavuga bati, «Yoo, iri tsinda ry'abasazi, nta cyo bamaze." Ariko, kubera iki, ni umwiryane! Subirana imbonankubone n'Ijambo maze urebe ibyo ari byo, urebe niba Imana itisobanurira Ijambo Ryayo. Imana ishobora guhagurutsa muri aya mabuye abana b'Aburahamu. Amina.

32 Ijambo ryari ryaramaze guhamirizwa neza na bariya bakristo ba mbere,uko Imana yari yarababatuye kuri byose, ku ndwara, kandi bari bafite abahanuzi, kandi bavugaga mu ndimi, basobanuraga, bavugaga ubutumwa bwabaga ari ukuri buri gihe. Ariko n'ubwo iri Jambo ryabaga rihamirijwe, abantu bahisemo kurijugunya hanze, maze bahitamo idini. Ni ryo nyina w'amadini yose.

Noneho zombi zireze neza. Zongeye kwibiba. Yari yarazimye, ariko yongeye kurabya mu gihe cya Luteri, nk'uko tubizi binyuze mu butumwa bwa kiriya gitondo ku ifunguro rya mu gitondo. Ryongeye kurabya mu gihe cya Luteri. Ariko ni iki bakoze? Uwo muntu ukomeye akimara gupfa, bashinze idini.

Ryararabije. Ryongeye kurabya mu gihe cya Wesileyi,ubwo abangilikani, hamwe n'umutekano wabo w'iteka n'ibindi bari baragoretse byose cyane ku buryo bageze hafi yo kwizera ko Imana ishaka ko abantu bakizwa bose (universalisme), hakaba harabaye iki? Imana yahagurukije umuntu witwa John Wesileyi, maze ibyo byose abihindura ubusa. Hanyuma amaze gupfa, we na Asbury n'abandi, ni iki cyabaye? Bashinze idini, none ubu hariho abametodisite b'uburyo bwose. Hanyuma haza runaka cyangwa runaka undi, Alexander Campbell, John Smith, n'abandi.

33 Ku iherezo, abapantekote barahingutse, bavuye muri ibyo byose. None ni iki cyabaye? Birukaga neza, ni iki cyabahagaritse? Mwahise musubira mu byondo mwari mwaravuyemo, musubira muri ya mazi

yanduye, mwasubiye mu mwiryane no gushinga idini, byasabaga ko mutatira Ijambo. Kandi buri gihe Imana yagiraga ikintu gishya yongera kohereza,ntimushobore kucyakira. Ni ukuri! Umwiryane bundi bushya! Kandi, mwitegereze, nk'uko nabivugaga kiriya gihe, agashishwa ka mbere kava mu muzi, hanyuma hari amababi hanyuma ihundo, maze kagasubira mu gati, hanyuma gasohokamo.Ako gashishwa k'ingano kenda gusa n'impeke ubwayo, kandi twatekerezaga ko ari cyo byari cyo, ariko iyo ubipfunduye, nta mpeke na busa usangamo. Ni icyishingikirizo gusa cyo gushoboza impeke gukura, kandi na cyo kirapfa, hanyuma ubuzima bukagisohokamo rwose kugira ngo bujye mu mpeke. Mwitegereze, rero ni uko bita amadini yabibwe…

34 Tubona noneho ko ingirwamatorero zacu, ndetse n'amatorero ya gipantekote yacu, twarasohotse, ntitwashoboragakunyurwa, twagombaga gukora amatsinda yacu bwite. Habayeho ibintu by'uburyo bwose, twagombaga kubona ibi, twagombaga kubona ibi, twagombaga gukora irindi tsinda. Kandi hari uwahagurutse, avuga ati, "Azaza ku gicu cy'umweru." Undi yavugaga ati, "Oya-oya, Azaza ku ifarashi y'umweru." "Ni byiza cyane, tugiye gukora amatsinda abiri." Murabona,ni ibiki? Ni uguteza umwiryane! Igihe Azazira, uko byamera kose, ni We uzasobanura Ijambo Rye bwite igihe Azazira. Dutegereze kugeza icyo gihe. Mubisobanukirwe… Kuvuga ibyo bintu, nta n'ubwo mushyikira Ubutumwa bw'igihe. Mukomeza kureba mu cyerekezo cy'ibyo Imana igiye gukora, cyangwa cy'ibyo Yakoze, maze ntimwite ku byo Iriho ikora. Ni uko umuntu asanga ari kumwe n'ibintu by'ibihabane.

35 Noneho turabona ko ubu amatorero yacu, amatorero-amatorero yacu yose, yabibye umuyaga, hanyuma asarura serwakira. Ntitugifite amateraniro y'amasengesho, ntitugifite amateraniro twahoranye. Ni ibiki? Twakuyeho inzitizi kuri byose. Murebe, kugera ku matorero yacu ya gipantekote yuzuye abagore b'imisatsi yogoshe.Mbere, ntibemeraga ibyo. Kwisiga amarange, gusiga inzara verini, ibintu by'uburyo bwose; umuntu, hariya, hamwe na… uburyo bwa za Ricky n'ibindi, zashyingiwe incuro eshatu cyangwa enye, kandi ni abadiyakoni; yoo, mbega umwiryane! Ni umwanda! Babigeraho bate? Imana ntiyakwemera ibyo mu Itorero Ryayo, rero uri mu idini wenyine ni we wakora ibyo. Batinya kubivuga, kuko bakwirukanwa mu idini. Yoo Mana, duhe abagabo batagira ikindi batsimbararaho uretse Imana n'Ijambo Ryayo, bazavuga Ukuri kuri ibyo bintu. Ngibyo neza neza ibyo dukeneye. Ni iki twakoze? Twabibye umwiryane. Twabibye umuyaga, none dusaruye serwakira.

36 Murebe noneho ko biriho byihambira kugira ngo bitwikwe. Mwarabibonye, Yesu yavuze ati, "Mubanze, mubirunde, mubihambire mu miba, hanyuma imiba yose muyirundanirize hamwe, maze Nzayitwike." Hari umuba muto witwa abametodisite, ababatisite, abaperesibiteriyani, abaluteriyani, byirundaniriza hamwe byose mu mpuzamadini. Ni ibiki? "Mubanze mubirundanirize hamwe!" Haleluya! Mwabibonye, Abanza guhambira urumamfu, Akarushyira kure y'ingano, Arabivangura, "Mubihambire maze mubitwike." Bigomba byose gutwikwa n'imanza z'Imana, ku bwo kuba byarabibye umwiryane mu bantu, ibyo bintu… Bafite ishusho yo kwera, ariko bahakana imbaraga zako, bahakana Ijambo, byonyine ari ukugira ngo bashyigikire imihango ya kinyedini, inyigisho zimwe zazanywemo n'umuntu, wagerageje kuzongera ku Ijambo ry'Imana. Nta cyo bizageraho. Ni umwiryane.

37 Ndatangayenone, nk'uko byari bimeze, umuhanuzi ukomeye wa kera, Amosi, ubwo yinjiraga muri uriya murwa, akavuga ati, "Sindi umuhanuzi, habe n'umwana w'umuhanuzi. Ariko iyo intare yivuze, ni nde utagira ubwoba!" Avugaati, "Iyo Imana ivuze, ni nde utahanura." Yavuze ko iteka ryajyaga gucirwa kuri kiriya gisekuru, avuga ati, «Imana muvuga ko mukorera izabarimbura.»

Mushyireho ibi, biriho, kuri bande, kandi murabyibuka. Ya Mana… Aba bantubirundaniriza hamwe muri iri sarura rikomeye ry'i-impuzamadini, kandi muzaba muhatiwe kuyinjiramo. Ntimuzashobora kuguma hanze. Muzasohokamo umwe umwe, cyangwa muzinjiramo. Nta mbuga rusange iri hagati ya byombi. Kizaba ari ikimenyetso cy'inyamaswa. Nta uzashobora kugura habe no kugurisha, keretse ufite ikimenyetso, cyangwa ufite umwiryane. Rero, mugume hanze y'ibyo! Mubisohokemo! Mubihunge! Mubigendere kure! Imana bavuga ko bakorera izabarimbura. Imana ikomeye y'urukundo, itaza… Yavuze iti, "Ni byiza, Yesu yasenze ko twese twakagombye kuba umwe."

38 Kandi Yanavuze iti, "Byashoboka bite ko mugendana, babiri cyangwa batatu bagendana, batasezeranye?" Yavuze "umwe", nk'uko We na Se ari Umwe. Kandi Se yari Ijambo, na ho We Akaba Ijambo rigaragajwe. Yari "Umwe" na Se, kuko Yari ukugaragazwa kw'Ijambo ryasezeranywe ry'Imana. kandi ni bimwe ubu, cyangwa mu gihe icyo ari cyo cyose. Yego, mugabo. Imana ni Imwe. Ishaka ko tuba umwe.

Bishoboka bite ko ibibiba kimwe, mu gihe uyu ahakana ukubyarwa n'isugi, na ho uyu nta, ahakana ugukizwa indwara n'Imana, kandi iki, kiriya, bose mu gihirahiro nk'icyo? Bamwe muri bo nta n'ubwo bizera Imana, ntibizera ko Yari Umwana w'Imana; bizera ko Yari umwana wa Yozefu, witwaga Umwana w'Imana. Nta gushidikanya. Impanga y'abaluteriyani, abazwingli, barabyizera, ko Yari umuntu mwiza gusa. Ubushakashatsi bwa gikristo buvuga ko Yari umuhanuzi, umuntu nk'abandi byonyine, ntiyari Imana. Turebe, niba Atari Imana, ni We munyabinyoma ukomeye wigeze kuba ku isi. Yari Imana cyangwa nta cyo Yari cyo.Yari Imana! Yari Ubumana, Ubwabwo, bwigize umuntu hagati muri twe, mu Mwana w'Imana. Nta gushidikanya, ngicyo icyo Yari cyo.

39 Noneho turabona ko umwiryane winjiye. Tuzi ko uhari, ntawabihakana. Yoo, la la! Mwitegereze neza. Izarimbura iryo tsinda rivuga ko rikorera Imana. Mwitegereze neza.

Imana yabibye Imbuto Yayo. Ndashoje, kuko ari igihe cyo gushyiraho umurongo w'abasengerwa. Imana yabibye Imbuto Yayo, kandi Imbuto Yayo, ni Kristo. Ngiye kuzabibwirizaho mu minsi mike, ahantu Imana yiyemeje gushyira Izina Ryayo, niba ari ubushake bw'Imana, wenda kuri rimwe mu mafunguro ya mugitondo, ubwo nzaba mfite igihe kiruseho. Murebe, ni We Buhungiro wenyine. Ni We Mwami nyakuri wenyine. Ni We Mana y'ukuri wenyine, nta undi utari We. Yavuze ati, "Ni Njye Mana, Imana imwe rukumbi." Yesu yavuze ati, "Ngiri itegeko, Umva, isirayeli, Ndi Uwiteka, Imana yawe, Imana imwe rukumbi. Ndi We. Kuki mutegereje undi? Undi azaza… Naje mu Izina rya Data, maze ntimwanyakira. Ariko undi azaza mu izina rye bwite, hanyuma we, mumwakire." None ni byo bakoze, i Nikeya.

"Uri umukristo?

- Ndi umubatisite."

"Uri umukristo?

- Ndi umupantekote."

"Uri umukristo?

- Ndi umumetodisite", irindi zina.

40 Ariko ku birebana n'iryo Zina rya "Yesu Kristo", barushaho kurigendera kure bishoboka, nta cyo bashaka guhuriraho na Ryo, kuko Ari We Jambo kandi Ijambo ririgaragaza Ubwaryo. Mwitegereze, Ubuhungiro bumwe rukumbi. Ni We Roza rya Sharoni, byavuzwe na Bibiliya. Ibyitiriro (muri Bibiliya) by'Imana byose ni ibya Yesu Kristo. Yari Alufa, Omega, Itangiriro n'Iherezo; Uwahozeho, Uriho, kandi Uje; Igishyitsi n'Urubyaro bya Dawidi; Inyenyeri yo mu Ruturuturu, Iroza rya Sharoni, Umwangange wo mu kibaya, Alufa, Data, Umwana, Mwuka Wera, ibyo byose muri Yesu Kristo! Yari ukugaragara kuzuye kwa Yehova Imana yambaye umubiri wa kimuntu ngo Iturane na twe. Neza neza icyo Yari cyo.

Yari Iroza rya Sharoni. Ni iki bakoreye Iroza rya Sharoni? Barariseye, bararisyonyora, kugira ngo barikuremo umubavu. Iroza ryiza cyane rigomba gusebwa rwose kugira ngo babashe kuvana umubavu muri iryo roza. Kandi Ubwo bwari Ubuzima bwiza, nta buzima bwari bwarigeze kubaho nk'Ubwo, ariko byabaye ngombwa ko Busebwa i Kaluvari.

41 Murabona, bafataga u-ugusigwa kw'Iroza rya Sharoni maze bakagushyira kuri Aroni, byari ngombwa ko asigwa ibyo kugira ngo abashe kwinjira mu Bwiza bw'Uwiteka ahera, inyuma y'umwenda wera. Yagombaga gusigwa Iroza rya Sharoni, kugira ngo aminjagire ihongerero buri mwaka. Kandi iryo sigwa ryagombaga kumubaho, impumuro igwa neza Uwiteka, mu gihe yatwaraga amaraso y'umwana w'intama imbere ye, amaze kuminjagirwa iby'uwo mwana w'intama. Yambaye amayugi n'inzogera ku misozo y'imyeda ye, yagombaga kugenda ku ntambwe imwe, ku njyana ya muzika, "Arera, Arera, Arera Uwiteka."

42 Mwitegereze, Ni We iryo Roza rya Sharoni, iyo mpumuro nziza, Isigwa riri ku bwoko Bwe. Ntushobora kwinjira mu Bwiza Bwe witwaje ihame na rimwe, habe n'ikindi cyose, ah'ubwo ukaba byonyine usizwe iryo Roza rya Sharoni, Ijambo. Ni na We Mwangange wo mu Kibaya.

Nyamara, ni gute opiyumu (opium) iboneka? Opiyumu iboneka dufashe umwangange maze tukawusya, tukawuvanamo opiyumu. Abaganga bawukoresha muri za laburatwari zabo. Nimufate umuntu urakazwa n'ubusa kandi akaba aguwe nabi, cyangwa umugore wumva agiye gusara, ariruka maze agataka, ni umurwayi wo mu mutwe(hysterique), muganga ajya gufata ka opiyumu k'umwangange gake, maze akamutere mu kuboko cyangwa ahantu hamwe mu mutsi, umugore cyangwa umugabo, hanyuma bagatuza. Byarangiye by'akanya. Ariko iyo ubukana bwa opiyumu burangiye, dore ngo barasubira ku kabo, bamerewe nabi bitigeze kubaho.

43 Ariko ngiye kubabwira, ncuti zanjye, ibyo ni ishusho ya opiyumu nyakuri ituruka mu Mwangange wo mu Kibaya nzi. Ni We Mwangange wo mu Kibaya. Yaserewe i Kaluvari. Yakomerekejwe ku bw'ibicumuro byacu, imibyimba Ye ni yo Adukirisha. Muri iryo-iryo sebwa ry'indabo, Yari Ururabo. Yari Ururabo ruteye amabengeza rutigeze kumera, uwo Mwangange wo mu Kibaya, n'iryo Roza rya Sharoni riteye amabengeza. Nyamara Ari hano uyu mugoroba, amanitswe hagati y'Ijuru n'isi, ni byo nizera, cyangwa icyo gihe, Yabaye atyo, kugira-kugira ngo Akureho icyaha cy'abari mu isi kandi ngo Agarure gukira mu isi. Kandi Bibiliya ivuga ko uko Yari ari ejo, n'uyu munsi ari ko Akiri, kandi akaba ari ko Azahora iteka ryose.

44 Ncuti yanjye, ubwo Imana yabwiraga Mose, mu butayu, kandi rwari u-urugerorwamushushanyagaWe, kumanika inzoka y'umuringa. Umuringa ushushanya "icyaha giciriweho iteka", inzoka ishushanya, inzoka y'umuringa ishushanya "icyaha kimaze gucirwaho iteka". Kandi umuringa ni "urubanza rw'Imana", urugero igicaniro cy'umuringa aho barambikaga ibitambo. Kandi hari na Eliya wararamye maze akavuga ko ijuru ryari ryabaye nk'umuringa, urubanza rw'Imana ku ishyanga ritizera ryari ryaragiye kure y'Imana. Umuringa

ushushanya urubanza, urubanza rw'Imana. Kandi inzoka yashushanyaga icyaha kimaze gucirwaho iteka; kandi Yesu yari iyo nzoka yagizwe icyaha ku bwacu, kandi Akaba yaragiweho n'urubanza rw'Imana. Yacumiswe ku bw'ibicumuro byacu, ashenjagurwa ku bwo gukiranirwa kwacu, igihano kiduhesha amahoro cyari kuri We, kandi imibyimba Ye ni yo Adukirisha.

45 Yoo, uyu mugoroba, Imana ifite iduka ry'imiti ryuzuye Opiyumu, kubwanyu. Ncuti y'umukristo, urarwaye kandi urababajwe. Yoo, uracogoye, birakuruhije by'ukuri. Ntugishobora gukomeza kubyihanganira, ni ibyo ku-kukugira umusazimuri iki gihe cy'iterambere turimo.

Waba wumviseLife Line uyu mugoroba, ibyo bavuze, ko-ko u Burusiyabuvuga ko, muri 55, "bakabaye bafite isi yose mu butware bwabo bwuzuye"? Mbere y'uko ibyo biba, Izamurwa rigomba kuba. None ni ibya ryari, ncuti yanjye? Ni ubu, biregereje noneho.

Ntiwaba ushaka kumushakisha muri uyu mugoroba n'umtima wawe wose? Ni We Mwangange wo mu Kibaya, kandi uko Yari ari ejo, n'uyu munsi ni ko Akiri, kandi ni ko Azahora iteka ryose. Ari hano muri uyu mugoroba ngo Yimanike hagati mu bwoko Bwe, nk'uko Mose yamanitse i-ikimenyetso cy'icyaha, giciriweho iteka. Kandi si icyaha gusa, ah'ubwo uburwayi. Ibuka, Yesu yavuze ati, "Nk'uko Mose yamanitse inzoka y'umuringa, ni ko n'Umwana w'umuntu akwiye kumanikwa." Kuki Mose yayimanitse? Kubera icyaha, ukutizera n'uburwayi. Yesu yaramanitswe na We, kubera icyaha, uburwayi no kutizera. Weyari ikintu kimwe.

46 46.. Noneho, uyu mugoroba, mu bihe tubona uyu mwiryane ukomeye, Yesu Kristo yasezeranye muri Luka, ko mu minsi yo… mbere yo Kuza k'Umwami, byajyaga kuba nko mu minsi y'i Sodomu, ko ari bwo Umwana w'umuntu yajyaga kwihishura nk'uko Umwana w'umuntu yihishuriye Aburahamu hariya; Elohim, Imana, wambaye umubiri wa kimuntu hagati mu bantu, Yagumye hariya hamwe n'Aburahamu maze amwereka, Amubwira ibyo Sara yatekerezaga (amuteye umugongo) mu ihema, mu gihe atari yarigeze kumubona. Yamubwiye icyo ya… Yamuhamagaye mu izina rye, "Sara". "Aburahamu", atari-atari izina rye, Aburamu, yahoranye, ah'ubwo Aburahamu. Ntiyaba Sarayi, S-a-r-a-y-i, ah'ubwo aba S-a-r-a. "Ari he Sara, umugore wawe?"

Avuga ati, "Ari mu ihema inyuma Yawe."

Avuga ati, "Nzakugenderera mu gihe cy'uburumbuke." Hanyuma araseka.Avuga ati, "Ashekejwe n'iki?"

Nyamara, Yesu yavuze ko, "mbere y'uko uwo mwiryane ukomeye uteranirizwa hamwe ngo utwikwe, Umwana w'umuntu yajyaga kwihishura mu buryo bumwe n'ubwo Yabikozemo kiriya gihe." None ibyo… ni ibiki? Ni ukongera gushyira hejuru imbere yanyu, ko Yesu Kristo uko yari ari ejo, n'uyu munsi ari ko Akiri, kandi ari ko Azahora iteka. Urabyizera? Rero twubike imitwe dusenga.

47 Manay'igikundiro, turagukunda. Ijambo Ryawe ni ifunguro rifite-rifte ireme cyane kuri twe, Mwami. Turarikunda cyane! Tubeshejweho na Ryo, Mwami. Wagira ngo ubushobozi bwacu ntibwigeze buhaza. Dukunda cyane kwicara ku meza Yawe, tugose Ijambo Ryawe, maze tukinovora imigisha, Mwami, iyo duteranye dutya, bene Data na bashiki bacu bacungujwe Amaraso n'Umwana w'Imana, abacunguwe n'Amaraso Yawe. None twaje hano uyu mugoroba, Mwami, twahariye iyi migoroba ugusengera abarwayi. Kandi dushingiye ku Byanditswe, Wavuze ko "imibyimba ari yo idukiza". Si ngombwa rero gusenga (ah'ubwo tukatura ibyaha buyacu byonyine), kuko ku bw'imibyimba Yawe, twakize (mu gihe cyatambutse). Yoo, mbega igihe cy'agakiza! Mbega-mbega isezerano twahawe na Emanweli! Ni Ukuri kudashidikanywaho.

Wavuze uti, "Hasigaye igihe gito, isi ntibe ikimbona; ariko mwebwe, muzambona, kuko Njye", LE PRONOM PERSONNEL "Njye" "Nzaba Ndi kumwe na mwe, ndetse muri mwe, kugeza ku mperuka y'isi." Kandi mu bihe bya nyuma, ku iherezo rikomeye, Wavuze ko, mbere y'ibyo, byajyaga kuba nka mbere y'uko umuriro ugwa kuri Sodomu maze ugakongora isi y'amahanga, ko hajyaga kongera kubaho ihishurwa ry'Umwana w'umuntu, neza neza nk'uko byari bimeze i Sodomu. Dawe, abantu be kubicikwa.

48 None nsenze, yoo Mana, n'uburyo bwanjye bwa kera, (niba ntavuze icyari gikwiye, mbabarira), guteza ukwinyagambura. Ndabakunda, Mwami. Nse-nsenze ngo batabicikwa. Ube umwe mu migoroba ikomeye, Mwami. Abari hano barwaye, baremerewe, impumyi, cyangwa ikindi cyose, Mwami, bakire uyu mugoroba bose. Abanyabyaha bakizwe bose. Mu mitima yabo, noneho, niba ari abatizera, bakire Kristo none aha. Bitwemerere, Dawe. Ibi byose biri mu biganza Byawe. Turakwiyeguriye, ngo tubone Uza hagati muri twe.

Wavuze, muri Yohana 14:12 uti, "Unyizera, na we azakora imirimo Nkora." Tuzi ko uburyo Wimenyeshejemo abantu, kuko Wari wa muhanuzi Mose yari yaravuze ko Yajyaga guhagurutswa. Hari hashize imyaka amagana badaheruka umuhanuzi, hari umwiryane hose, ariko Ijambo ry'Imana ryagombaga uko biri kose gusohora; rero Ijambo ry'Imana ryambaye umubiri, n'umwiryane na wo. Kandi, Dawe, turacyabona bimwe ubu, umwiryane uriho ukora umuba munini; kandi turabona Ijambo ririho rikora bimwe. Duhe umugisha uyu mugoroba, Dawe. Turakwiyeguriye, hamwe n'Ijambo Ryawe. Icyo Ushaka ko

dukora cyose, kidukoreshe, Mwami. Mu Izina rya Yesu. Amina.

49 [Mushiki wacu umwe avuga mu rundi rurimi. Ahatagira ijwi kuri bande.-U.I.] Ntituzi icyo Yavuze. Wasanga hari icyo Ashaka kutubwira, rero mutuze cyane akanya gato. [Ahatagira ijwi kuri bande. Mwene Data umwe arasobanura.-U.I.]

Amina. Mwaba mwarigeze gusoma [ahatagira ijwi kuri bande-U.I.] Ibyanditswe ahavugwamo ko umwanzi yari agiye kuza, kandi bari barateranirijwe hamwe bose, kandi ba… umwanzi yari afite umubare munini cyane. Hanyuma Mwuka w'Imana amanukira umuntu umwe, maze Amubwira ati, uyu yarahanuye, yavuze aho kujya gushyira umutego, maze barimbura umwanzi wabo. None dore ngo aragaruka.Ngaho ahantu ho kurimburira umwanzi wanyu, murabona, nimufate ukuboko kw'Imana. Ukuboko kw'Imana ni Kristo, nta gushidikanya, Ijambo, rero nimurifate mu mitima yanyu uyu mugoroba mu gihe dushyiraho umurongo w'abasengerwa.

50 Nizera ko Billy yamaze gutanga amakarita y'abasengerwa uyu munsi. B, za B, dufate B, mirongo inani na gatanu. Ejo nimugoroba, twafashemo cumi n'eshanu ejo nimugoroba. Mu bisanzwe tugerageza guhamagara cumi na batanu buri mugoroba. Rero mufate amakarita yanyu, tugiye kuyitaho, noneho. Tugerageze guhamagara cumi na batanu. Mirongo inani na batanu. B, nka Branham, murabizi. B, uhereye kuri mirongo inani na gatanu ukageza ku ijana. Kandi tu… Turebe neza, ni nde ufite B, mirongo inani na gatanu, zamura ikiganza. Uhamirijwe… Yoo, inyuma, ni byiza cyane, mirongo inani na gatanu ngwino hano.

Noneh, mwana wanjye… Mu gihe haje abashya hano, batanze uko bigenda. Umuhungu wanjye aze hano, cyangwa undi wese. Niba adashoboye kuza, ni Mwene Data Borders, cyangwa undi wese, umuntu, uje, maze afata amakarita, amakarita ijana, kandi hariya, imbere y'abantu, akayavanga. Rero, iyo aguhaye ikarita, ntashobora kukubwira niba uri buze hano, ku gicaniro, nta byo aba azi. Kandi na njye ni uko, nta byo nzi. Mpagera nimugoroba, maze ngahamagaramo icumi cyangwa cumi na batanu, cyangwa ikintu kimwe nk'icyo, muri ayo makarita. Ikitagira aho gihuriye no gukira kwanyu. Mushobora kuguma mwiyicariye neza ahongaho. Murebe ejo nimugoroba. Ni bangahe mwari hano ejo nimugoroba, nimuzamure ikiganza. Kubona abantu, bakijijwe hose, mu iteraniro ryose!

51 Rero twahamagaye mirongo inani na gatanu; mirongo inani na gatandatu, mirongo inani na karindwi, mirongo inani n'umunani, mirongo inani n'icyenda, mirongo cyenda. Abo bahite batambuka none aha. B mirongo inani na gatanu, mirongo inani na gatandatu, mirongo inani na karindwi, mirongo inani n'umunani, mirongo inani n'icyenda, mirongo cyenda. Hamwe n'ibyo, twabona… Nta gushidikanya ko, dukwiye… Niba hari umuntu… Nguyu undi, yego, hamwe n'ibyo konti irahari. Mirongo cyenda, noneho tuve kuri mirongo cyenda tugeze ku ijana. Mirongo cyenda, mirongo cyenda na rimwe, mirongo cyenda na kabiri, mirongo cyenda na gatatu, mirongo cyenda na kane, mirongo cyenda na gatanu, mirongo cyenda na gatandatu, mirongo cyenda na karindwi, mirongo cyenda n'umunani, mirongo cyenda n'icyenda.

52 Niba udashobora kugira aho utarabukira, niba uri... Ndabona ko dufite utugare tw'abamugaye duke, dutatu hano, mpamya ko mbona tune. Niba ufite ikarita y'abasengerwa, kandi ni-ni bahamagara inomeroyawe, ukaba udashobora kuva aho uri, uzamure ikiganza gusa, turaza gusunika akagare kawe kugera hano.

Kandi niba udafite ikarita y'abasengerwa, komeza gusa wiyicarire ahongaho maze usenge, uvuga uti, "Mwami Yesu, abe-abe-abe ari njye utahiwe, uyu mugoroba."Ni bangahe hano badafite ikarita y'abasengerwa, nimuzamure ikiganza. Yoo, la la! Ni byiza, rero, byonyine tuvuge ibi, niringiye ko ari nta shusho yo gutuka Imana bifite, ah'ubwo, igihe kimwe, hari umugore muto utari ufiteikarita y'abasengerwa, tubifate dutyo. Yiciriye inzira mu ruvunganzoka, yavugaga (noneho mwumve neza) ati, «Ndamutse nshoboye gukora ku myambaro y'uwo mugabo, nakira.» Ni bangahe bazi iyo nkuru? Ni byiza cyane. None ni iki yakoze? Yamukozeho, maze ajya kwiyicarira. Hanyuma Yesu arahindukira, Yari azi aho yari aherereye. Si byo? Yari azi icyo ikibazo cye cyari cyo, maze Amubwira icyo ikibazo cye cyari cyo. Hanyuma yumva mu mubiri we ko kuva amaraso kwari kwahagaze. Si byo? Kubera iki? Yari yamukozeho.

53 Noneho, ni abakristo bangahe hano, uyu mugoroba, bazi, dushingiye ku Baheburayo, Urwandiko rwandikiwe Abaheburayo, ko Yesu, ubungubu, ari Umutambyi Mukuru, Umutambyi Mukuru ushobora kubabarana na twe mu ntege nke zacu? Ni We? Ni byiza cyane, niba Ari wa Mutambyi Mukuru umwe, niba Afite wa murimo umwe, Umutambyi Mukuru, muri icyo gihe, Yakora ate? Yakora neza neza nka kiriya gihe. Murabyizera? Yakora neza neza nka kiriya gihe; niba mushobora kubyizera. Ni byiza cyane. Ni bangahe babyizera,nimuzamure ikiganza, maze muvuge muti, "Ndabyizera by'ukuri."

Ni byiza cyane, mbere y'uko bashyiraho umurongo w'abasengerwa, dushyireho umurongo w'abasengerwa mu iteraniro. Nzi ko Ari hano. Ndu-ndu-ndumva Ubwiza Bwe, kandi nzi-nzi ko Ari hano. Nimuze. Umurongo w'abasengerwa waba uteguye? Nari nahisemo kubahamagara mu iteraniro. Nimu-musenge, murebe hano maze musenge, mwizere, byonyine.

54 Umugore muto wicaye hano, arantumbira, yicaye iruhande y'umugore wambaye amadarubindi.

Ntimubona, hariya, ikiri hejuru y'uruya mugore? Nimurebe, hano. Murabona? Arwaye umutima. Wizeye ko Imana igiye kugukiza? Niba ari yego, zamura ikiganza. Ni cyo cyari ikibazo cyawe. Ni ukuri. Noneho, niba ari cyo cyari ikibazo cyawe, zamura ikiganza kugira ngo abantu babashe kubona, zamura ikiganza gutya. Noneho, nta cyo ugifite noneho. Ukwizera kwawe kwagukijije.

Uko Yari ari ejo, n'ubu ni ko Akiri kandi ni ko Azahora iteka ryose. Yoo, hari umwiryane, ariko Yesu Kristo uko Yari ejo n'uyu munsi ni ko Akiri, kandi ni ko Azahora iteka ryose. Mbese… Noneho mukomeze musenge, murabona, ntimukeneye kuza ku gicaniro, ni ku bwo kubereka.

55 Noneho, dore umugore. Uko mbizi, sinigeze mubona mu muzima bwanjye, ni umugore gusa, uhagaze hano. Wabonye ikarita y'abasengerwa, kandi ntiwari uzi ko uru buhamagarwe cyangwa utari buhamagarwe. Hari uwaguhaye ikarita y'abasengerwa gusa, maze wowe… bahamagaye inomero yawe, maze uhita uzakugeza hano, byonyine. Si byo? Kandi nta buryo na bumwe mfite bwo kumenya icyo uri cyo, uwo uri we, aho uturuka, icyo ushaka, nta na kimwe muri ibyo byose. Ndi umuntu gusa, na ho wowe ukaba umugore. Ni ukuri. Igihe kimwe, iyo shusho yigeze kubaho, muri Bibiliya: Yohana, igice cya 4.

Noneho, uzavuga uti, "Wakoze iki, Mwene Data Branham, mu kanya, hashize akanya gato." Natangije gusa iryo nyeganyega, urabona. Njye, nta byo nzi, urabona, ni We ugomba kubikora. Njye, nta byo nzi. Kandi uriya mugore mu iteraniro mu kanya? Sinari narigeze kubona uriya mugore mu buzima bwanjye. Ambereye uwo ntazi mu buryo bwuzuye. Nizera neza ko yari umugore. Ni nde muntu umaze gukira, hariya, mu iteraniro? Ese wowe… Yego. Nta uzi undi muri twe. Niba ari ukuri, bigaragarishe ikimenyetso n'ikiganza, utya. Urabona? Sinari narigeze kubona uyu mugore. Ariko yari yicaye hariya, afite ukwizera. Nyamara, hari Icyo Yakozeho, si byo? Nta cyo byajyaga kumumarira iyo ajya kunkoraho, njye.

56 Ariko noneho, ntimubona ko Bibiliya ari Ijambo ry'Imana mu buryo buboneye? Uko Yari ari ejo, n'uyu munsi ni ko Akiri, kandi ni ko Azahora iteka ryose. Duhinduka ubuturo bwa Mwuka Wera, ari We Kristo. Murabona? Ngiyo Imbuto nyakuri. Icyo gihe, niba uwo Mwuka Wera nyakuri yinjira mu Mbuto nyakuri y'Ijambo, atari… Ntibikwiye gufataho gusa igice (kuko satani akoresha Icyo), dukwiye kurifata mu mwuzuro Waryo, murabona, buri Jambo; mu by'ukuri, Si Imana by'igiceni We Mana mu mwuzuro Wayo. Murabona? Kandi ngibyo ibikoreka.

Noneho, dore umugore, sinigeze mubona. Igihe kimwe, Yesu yahuye n'umugore nk'uyu, wenda ntiyari amerewe nk'uyu, nta byo nzi. Yari yicaye ku iriba. Byari ngombwa ko Amanuka muri Samariya. Kandi tubona ko Samariya yari mu itaba ry'umusozi. Kandi-kandi, cyangwa ah'ubwo Agana i Yeriko, Yanyuze muri Samariya, hanyuma Agera mu murwa witwa Sukara. Yicara iruhande rw'iriba, maze Atuma abigishwa Be guhaha ibyo kurya.

57 Hari amoko angahe y'abantu mu isi? Atatu. Ubwoko bwa Hamu, ubwa Shemu, n'ubwa Yafeti. Dukomoka twese kuri Nowa. Abasigaye mu isi barimbuwe kiriya gihe. Hari amoko atatu y'abantu gusa, ni Abayuda, abanyamahanga, n'Abasamariya (bakaba bari Abayuda by'igice, n'abanyamahanga by'igice). Ayo ni yo moko yonyine ari mu isi, murabona, hari atatu yonyine.

Mu Mana, byose bitunganye muri gatatu. Ni nka bya bitatu nahoze mvuga uyu mugoroba: intambwe eshatu z'umwiryane, intambwe eshatu z'Ijambo ryambaye umubiri, n'ibindi. Murabona?

Noneho, kandi Ya-Yavuganye n'Abayuda, Yavuganye na Filipo, ubwo yamuzaniraga Natanayeli, Yamubwiye aho yari ari, Yavuze ati, "Namubonye ubwo yari ari munsi y'igiti." Yabwiye… Andereya yamuzaniye Petero, Amubwira ati, "Witwa Simoni, kandi uhereye ubu uzitwa 'Petero'." Avuga ati, "Uri umwana wa Yona." Murabona? Nyamara, abo, bose bari Abayuda.

Ariko hano, Asanze umugore w'umunyamahangakazi… si umunyamahangakazi, ah'ubwo umusamariyakazi.

Igihe cy'amahanga, ni iki. Ntiyigeze Akora ibyo, nta na rimwe, Abikorera abanyamahanga. Nimucukumbure mu Byanditswe. Nta na rimwe. Ah'ubwo Yasezeranye, muri Luka 22, ko Yajyaga kubikora bucya Aza.

Ah'ubwo, rero, Yari yicaye hariya, maze umugore w'umuyuda by'igice, umunyamahanga by'igice, arahagera. Hanyuma amubwira ati, "Mugore, mpa amazi yo kunywa."

Amusubiza ati, "Ah'ubwo Ntiwagombaga kunsaba ibyo, mu by'ukuri. turi… Turavangura hano. Uri Umuyuda, na ho-na honjye, nkaba Umusamariyakazi."

Avuga ati, "Ariko iyo wari uzi Uwo muvugana, ni wowe wajyaga kunsaba amazi yo kunywa." Ni iki Yakoraga? Yariho asingira umwuka we. Kandi aho aboneye icyo ikibazo cye cyari cyo, mu by'ukuri, Ymutumye kujya kuzana umugabo we. Yamubwiye ko ari nta we yagiraga. Avuga ati, "Ni ukuri, wagize batanu."

58 Noneho, murebe, ubwo Abafarisayo babonaga Akora ibyo. Buriya, uriya mwiryane wari uri hariya, hamwe n'Ijambo, bo, bavuze iki? Bavuze bati, "Uyu Muntu ni Belizebuli, uhanura imitungo." Murabona?

Kandi Yesu yavuze ko "uwajyaga gutuka Mwuka Wera ubwo Yajyaga kuza gukora bimwe, atajyaga kubabarirwa." Nguwo, umwiryane wanyu. Murabona? Ariko icyo gihe Yababwiye ko Yari akibabababariye, kuko Mwuka Wera yari ataraza; Igitambo, Umwana w'intama yari atarapfa.

Ariko uriya mugore, we, ntiyatekereje ibyo. Uwo mugore yavuze ati, "Mwami, mbonye ko Uri umuhanuzi." Hari hashize imyaka amagana ari nta muhanuzi baheruka. Avuga ati, "Mbonye ko Uri umuhanuzi. Nyamara, tuzi ko Mesiya (Uwo bita Kristo), ubwo Azaza, ni cyo Azakora."

Mu by'ukuri, niba ari byo Yakoze, rero uko Yari ari ejo, n'uyu munsi ni ko Akiri. Ni uko Yimenyekanishije kiriya gihe, si bimwe none? Nta gushidikanya! Nyamara, hano twongeye kubona umugore n'umugabobahuye. Si uriya mugore, na njye si ndi uriya Mugabo. Ariko icy'ingenzi ni uko wa mwuka Wera umwe ari hano, kandi Yatanze isezerano ko imirimo Yakoze, ko twajyaga kuyikora mu bihe Umwana w'umuntu yajyaga guhishurwa.

59 Noneho, sinkuzi (kandi uzi ko ari ukuri), turi abataziranye byuzuye hagati yacu, kandi uragaze hano. Hari ikintu… Wasanga hari ikitagenda muri wowe, cyangwa nta cyo, nta byo nzi. Ariko niba Uwiteka ampishuriye, binyuze mu Mwuka We Wera, icyo ikibazo ari cyo, none uribwizere ko ari Umwana w'Imana, Akareka kuba umuntu? Iki, ni ikibahasha gusa, uru rusengero I-Imana ikoresha, nk'abo Yatoranije bose. I-Ibikoresha ubuntu Bwayo bwigenga n'itora.

Ni bangahe mu iteraniro bazabyizera? Turi hano, twembi imbere y'Umucyo, duhamya ko tutigeze duhurira muri ubu buzima, nta gitekerezo na gito mfite cy'uwo uyu mugore ari we, icy'icyo ari cyo, icy'aho aturuka, habe n'icy'icyo ashaka kugeraho. Sinigeze mubona mu buzima bwanjye, kandi sinigeze mbona uriya mugore mu buzima bwanjye. Ah'ubwo, murabona, dore icyo nshaka kubatera gukora, kwitura uwo mwiryane noneho, maze ukizera Ijambo, mu gihe Ijambo ryambaye umubiri hano nyine hagati yacu. Ijambo ryakira Ubuzima mu mubiri wacu bwite, igihamya ko Imana iri muri twe.

60 Noneho, Ibimwemerere. Icyo ashaka kugeraho, impamvu yacyo ifite ishingiro. Nta mwana agira, arashaka umwana. Afite imyaka mirongo ine. Nta gushidikanya ko atari ibidashoboka.

Hari, benshi bicaye muri iri teraniro, abagore bari barabaye ingumba ubuzima bwabo bwose, bakaba baje ku gicaniro batya, none Uwiteka akaba yarabahaye abana. Bamwe muri mwe, babizi, bazamure ikiganza, mu iteraniro. Murabona? Murabona? Kiriya gihe, nateruye umwana w'umukobwa rwiza cyane mu maboko yanjye, ku cyumweru, ubwo navaga hano, ku cyumweru ku gicamunsi. Nyina yari ingumba, Uwiteka aravuga. None uwo mwana w'umukobwa, icyiza gikura, mbese yaba ari hano? Ari hehe? Yego. Nguyu, hano, yicaye hano. Nyina yicaye hariya. Nguyu uwo mwana w'umukobwa ubwe. Muramubona? Yabaye Ijambo ryavuzwe n'Imana.

Noneho, muri bumwizere n'umutima wanyu wose? Mwaba mwizera ko uyu mugisha mufite, mwiyumvamo ubu, ni Imana yashubije? Niba Imana yari imbwiye izina ryawe, kugira ngo ubashe kwita uwo mwana izina, wakwizera? Rero, Muka Thompson, ushobora kwitahira hanyuma ukabona umwana wawe, niba ubyizeye n'umutima wawe wose.

61 Waba wizeye n'umutima wawe wose? Izere gusa, we gushidikanya, izere Imana, gusa. Imana ni Imana.

Wiriwe, mugabo. Ntekereza ko tutaziranye, na twe twembi. Ubwa mbere nkubona mu buzima bwanjye, uko mbizi, ni ubwo wazaga hano. Kandi natekereje ko waba uri sewabo wa Mwene Data Shakarian, cyangwa nde… Mashagian, Mwene Data Mashagian, umuririmbyi, ubwo watambukaga. Nyuma nabonye ko wagiye mu murongo w'abasengerwa. Noneho, nk'uko ntazwi na we, na, cyangwa kuri wowe, na njye utazwi, kandi na we ukambera utazwi. Noneho, niba Umwami Yesu ashaka kugira icyo ambwira u-uri, wenda icyo ushaka kugeraho, tubivuge dutyo; Akubwire icyo, Ambwire icyo ushaka kugeraho. Nyamara, Yamaze kukiguha. Icyo ukeneye gusa ni ukwizera guhagije kugira ngo ubashe kukibona.

62 Noneho, ni bangahe basobanukirwa ibi? Ukwizera guhagije kugira ngo ubashe kubonaicyo usabye! Murabona!

Noneho, rero, niba uri hano kandi ukaba hari icyo ushaka kugeraho, maze Akambwira icyo wifuza, rero uzi ko ntazi icyifuzo cyawe, rero ni ngombwa ko hagira Ikintu hano kibikora. Noneho, dushingiye ku Ijambo, ni cyo Yasezeranye gukora. Yari azi ibitekerezo byari mu mitima yabo. Byaba ari byo? Ni byiza cyane.

Ufite icyifuzo gikomeye cyo gukira. Ikintu kimwe, ufite uburwayi bw'imyakura, urahangayitse cyane. Ni ukuri. Ikindi, urwaye umugongo, umugongo wawe umerewe nabi cyane, kandi ni iby'igihe gito, ndetse warabazwe kubera byo. Ni NI KO UWITEKA AVUZE. Ni ukuri. Murabona. Ni byo. Ndetse dore ikindi, icyifuzo cyimbitse ufite, ni uko, ushaka kwakiraumubatizo wa Mwuka. Ni ukuri kuzuye. Ngwino.

Mana dukunda, mu Izina rya Yesu Kristo, uyu muntu yuzuzwe Mwuka Wera, mbere y'uko ava hano, mu Izina rya Yesu. Amina. Noneho Mwakire, mwene Data. Gira ukwizera gusa, we gushidikanya.

63 Wiriwe. Ntekereza, uko mbizi, ko tutaziranye hagati yacu. Niba ari ukuri, mu by'ukuri, kugira ngo abantu babimenye, zamura ikiganza gusa kugira ngo babone ko tutaziranye hagati yacu. Sinigeze mubona mu buzima bwanjye, uko mbizi. Kandi ntekereza ko atigeze ambona, uretse ko ubu yicaye mu iteraniro. Mu by'ukuri Data wo mu Ijuru azi, kandi Ijambo Rye riri hano imbere yanjye, ko ntigeze mbona uyu mugore mu buzima bwanjye, uko mbizi. Rero, sinashobora kumenya impamvu ikubesheje hano, kugira igitekerezo na gito cy'uwo uri we, icyo ari cyo cyose, nta na busa ku bikureba. Nta na gito nashobora kukubwira.

Ikintu kimwe rukumbi, ni impano gusa. Iyo mba nari nshoboye… nk'uko mwanyumvise mbisobanura mu kanya. Kubererека byonyine, kumva icyo Avuga; icyo mbona, nshobora kukivuga. Icyo Atavuze, sinshobora kukivuga. Ndamutse nkivuze ku bwanjye, byaba ari ikosa. Murabona? Byaba ari ikosa. Ariko abaye ari We ubivuze, byaba ari ukuri kuzuye. Ntibyashobora kuba, ntibyashobora kuba ikosa. Ntibiteze kuzaba ikosa igihe cyose azaba ari Imana. Murabona? Murabona, kuko Imana idashobora kugira ikosa.

64 Ariko niba Imana imbwiye icyakuzanye, icyo icyifuzo cyawe ari cyo, cyangwa-cyangwa ikikubesheje hano, icyo wakoze, cyangwa ikintu kimwe, ikintu kimwe nk'icyo, cyangwa uwo uri we, aho uturutse, cyangwa icyo Iri bushake kumbwira, mbese wakwizera? Urakoze.

Ikintu kimwe rukumbi, ufite ibibazo by'ibirenge byawe. Urwaye ibirenge. [Uwo mugore avuga ati, “Yego.”-U.I.] Ni byo. Zamura iki… Ufite ibibazo bya kigore, imyivumbagatanyo y'inda ibyara. [“Yego.”] Kandi ufite icyifuzo gikomeye mu mutima wawe, ni uko umaze kubura umuntu cyangwa ikintu. Ni umwana, umwana wawe w'umuhungu yavuye mu muryango, yaratorotse, none urashaka ko nsenga ngo agaruke. [“Yego.”]

Mana y'Ijuru, mwoherereze umwana we, no gukira. Mwuka Wera ahagarike uwo mwana mu muhanda uyu mugoroba, musubize kwa nyina. Mu Izina rya Yesu. Amina.

Ugira icyo Azi azamukohereza. We guhangayika. Noneho izere, we gushidikanya. Izere gusa, n'umutima wawe wose. Izere, ibisigaye Imana izabigukorera.

65 Noneho, uko kugenzura gutatu cyangwa kune konyine, cyangwa icyabayeho, urabona, n-ngeze ubwo ntagira icyo mbona imbere yanjye. Sinashobora kubisobanura, nta buryo byasobanurwamo. Uvuga uti, “Ushaka kuvuga ko ibyo byonyine, biguteye kumva bisa n'ibirenze kuba wabwirije igihe cy'iminota mirongo ine n'itanu cyangwa irenga, ni ko utekereza?” Yego, mugabo. N'ubwo byaba amasaha atatu, sinakwiyumva ntya.

Hari umugore umwe wigeze gukora ku mwenda w'Umwami Yesu. Kandi abo bantu ntibankoraho. Mu by'ukuri, uyu mugore, reba hano byonyine, yashobora gusa… [Mwene Data Branham abwira uwo mugore ati, “Ndambikaho ibiganza”. —U.I.] Yashobora kunkoraho hose, nta cyo byakora na busa, ndi umuntu gusa. Ah'ubwo ni We agomba gukoraho. Na ho njye, ku bw'impano, yo-yo kubererека, icyitwa njye cyose kibure, hanyuma mvuge ibyo mbona gusa. Urabona? Kandi nta kindi. Urabona, kunkoraho nta cyo bimaze, ah'ubwo ni Yesu akoraho muri njye. Muri ubwo buryo uriya mugore yakoze ku Mana muri Yesu, mu gihe Atari azi ikibazo cye. Yakoze ku mwenda We gusa, maze ajya kwiyicarira. Hanyuma Avuga-hanyuma Avuga ati, “Ni nde unkozeho?”

Intumwa zavuze ziti, “Turebe, bose bagukoraho. Kuki Uvuga utyo?”

Avuga ati, “Ariko Namenye ko imbaraga zamvuyemo.”

Nyamara, waba uzi icyo ingeso nziza ari cyo? Imbaraga. Imbaraga Ze zamushizemo ubwo umugore umwe yamukoragaho, kandi Yari Umwana w'Imana. Ibyanjye bimeze bite, umunyabyaha wakijijwe n'ubuntu Bwe. Uzi impamvu birenze? Kuko Yavuze ati, “Imirimo Nkora na mwe muzayikora. Ndetse muzakora n'iyiruta, kuko Ngiye kwa Data.” Handitswe “iyiruta,” hariya, ariko igisobanuro nyacyo cy'ikigiriki ni, “Muzakora myinshi biruseho.”

66 Rero, uwo mugore nta we nzi. Nta cyo muziho. Kuri njye ni umuntu utazwi byuzuye nk'uko abandi bantu bari bari. Ntituziranye hagati yacu. Byonyine kugira ngo abantu babashe kubimenya, wakagombye kuzamura ikiganza cyawe,bivuga ko “tutaziranye hagati yacu”. Noneho, Umwana w'Imana, niba igihe kimwe Yarahuye n'umugore mu ishusho nto isa n'iyi, iruhande rw'iriba, akaba Yaramuvugishije akanya gato, maze Akamenya icyo ikibazo cye cyari cyo, hanyuma Amubwira icyo ikibazo cye cyari cyo. Kandi ni bwo yamenye, ko Yari Mesiya. Noneho n-njye… Wankozeho, na njye ngukoraho, ariko nta cyo byatanze. Ariko niba ukwizera kwanjye (ku bw'impano) n'ukwizera kwawe (mu kubyizera) bishobora kumukoraho We, kandi Ashobora kutuvugiramo… Abavugishe anyuze muri njye, ni bwo muri bumenye ko Ari hano nk'uko Yari ari kuri iryo-iryo riba ry'i Sukara. Murabona? Uko Yari ari ejo, n'uyu munsi ni ko Akiri, kandi ni ko Azahora iteka ryose.Mwaba mubyizera?

Ufite ibibazo byinshi, imibabaro myinshi, ibiruhanya byinshi! Kimwe mu bintu by'ingenzi ushaka dusengera ni rubagimpande. Ni byo. Si byo? Rubagimpande iriho irakumunga. Ni ubona uzamure ukuboko…

67 Kandi ko ko wakomeje gutera agatambwe buhoro, niba mbyibuka neza. Byashoboka ko ntegereje akanya gato, byashoboka ko hari ikindi kiri bushobore kuvugwa ngo gikureho… Cyangwa, urabizi, twumva ibintu; abantu, urabizi, ni nk'umwuka uhagurukira kurwanya Ibyo. Bavuga bati, "Turebe, yabifoye", cyangwa, urabizi, ikintu nk'icyo.

Ariko, wowe usa n'umuntu mwiza, mvugisha gusa akanya gato. Tugume aha akanya gato, kuko by'ukuri numva ko mu mutima wawe hari ikintu ushaka guhabwa n'Imana. Nyamara, sinshobora gusubiza isengesho ryawe, ariko We Ashobora gu-…kuko, niba ubyizera, ryamaze gusubizwa. Ariko niba ushaka byonyine kubyizera; kugira ngo bigutere kwizera. Noneho, ngiye kukubwira, ni umuntu w'inkoramutima utari hano, ni umuvandimwe, kandi uwo muvandimwe nta n'ubwo ari muri iyi ntara. Ari mu ntara y'ubweramvura, ifite ibiyaga byinshi. Navuga ahantu hamwe nko muri Michigan cyangwa ahantu… Yego, Michigan ni aho. Kandi arwaye indwara yica, ni indwara idakira y'impyiko arwaye. Ni iyo, si byo? Ni NI KO UWITEKA AVUZE. Noneho, ako gatambaro ufite mu ntoke, wazamuriye Imana, kohereze umuvandimwe wawe maze umubwire ngo ye gushidikanya, ah'ubwo yizere, kandi hamwe n'ibyo arakira ni ubyizera.

68 Waba wizera n'umutima wawe wose? Urabona, rero, niba wizera, hari ikintu kimwe gusa usabwa gukora, ni ukubyakira gusa. Si byo?

Noneho uvuga uti, "Arabareba, hariya, bariya bantu. Ni cyo akora, arabareba." Tubona byinshi by'ibyo!

Ariko, mu gihe utamenya ibi… Uyu mudamu, nyura hano, madamu, hano, umurwayi , uwo waba uri we wese. Ntawe ndiho ndeba. Wizera ko Imana ishobora kumpishurira icyo ikibazo cyawe ari cyo? Zamura ibiganza byawe, niba ubyizera, wa mudamu we, wa mudamu we, umurwayi. Yego. Yego. Ni byiza cyane, niba uri bubyizere n'umutima wawe wose, icyo kibazo cya asima ntikizongera kukuzonga ukundi. Ni byiza cyane, taha kandi ubyizere.

69 Ntiyamurebaga, si byo? Urabona, A… Urareba muri iki cyerekezo, iyerekwa rirahari ibyaba biriho byose. Amina! Nta byo ubona? Bitunganye nk'uko Imana itunganye!

Urizera, na we? Asima na we wayikira, si byo? Wizera ko yakira? Ni byiza cyane, jya kubwira Umwami Yesu ko u-umwizera.

Igihe kimwe, byagusaba kwicumba a-akabando mu gihe iyi rubagimpande yakumugaza, ariko ntizabikora. Nta byo, ntiwemera ko izabikora, si byo? Wizera ko ugiye kuzamererwa neza? Igendere amahoro, Yesu Kristo aragukijije.

Uburwayi bw'umutima bwica abantu, ariko wowe nturimo. Wizera ko Imana igiye kubugukiza, maze ukagubwa neza? Igendere ubyizere n'umutima wawe wose, uvuge uti, "Ndabyizeye by'ukuri."

70 Waba uvuga icyongereza? Waba wumva icyongereza? [Mwene Data Branham ahamagaza umusobanuzi-U.I.] (Hari uje.) Yego, ni byiza cyane. Ese waba ushaka kumusubiriramo ibyo ngiye kumubwira? Mubwire ko niyizera, ibibazo bye by'igifu biribugende. Yaba-yaba ari bubyizere? Kandi na we ibibazo byawe by'umugongo biri bubure, na byo, noneho rero, mushobora kwigendera maze mugakira. Umerewe ute? Urizera? [Avuga ati,"Yego, mugabo."-U.I.]

Umugabo wicaye hariya urwaye umugongo, wandebye ubwo navugaga ibyo. Na we, ashobora gukira, niba ubyizera, mugabo. Ni byiza cyane, mugabo.

Umugore wicaye neza iruhande rwawe hariya, ufite ububabare mu ijosi, si byo, madamu? Wizeye ko Imana igiye kugukiza? Niba ushaka kurambika ibiganza kuri uwo mwana w'umuhungu kubera amavi ye, arakira, na we. Urabyizera? Wari ufite ibibazo by'inda ibyara, ibibazo bya kigore, nta byo ugifite ubu. Ukwizera kwawe kwagukijije kandi kwaguteye kugubwa neza.

71 Wizera ko Yesu Kristo, uko Yari ari ejo, n'uyu munsi ari ko Akiri, kandi akaba ari ko Azahora iteka ryose? Noneho turambikaneho ibiganza hagati yacu maze dusenge iri sengesho ryo kwizera, buri wese wo muri twe, musenge isengesho ryo kwizera.

Mana dukunda, mu gihe dutwikiriwe n'Ubwiza Bwawe bwa Kimana, tukubona Ugendagenda mu iteraniro, Ukiza abarwayi hose. Uri Imana. Ngusabye gukiza iteraniro ryose uko ryakabaye. Umwuka w'Imana amanuke none aha mu mitima yabo, Abamenyeshe ko ari nta gihe gisigaye. Dashigaje igihe gito cyane cyo kuba hano, hanyuma tukajya kwibanira na We Uwo dukunda. Kandi Ubwiza Bwe buzanire buri wese gukira.

Duciriye iteka kuri Satani, duciriye iteka ku mirimo ye yose. Mu Izina rya Yesu Kristo, Satani, va mu bantu.

Abagiye kumwizera bose noneho, maze mukakira gukira kwanyu, nimuhaguruke, muvuge muti, “Ndahagurutse noneho ngo nakire gukira kwanjye. Ndabyizeye.” Uko waba uri kose, niba ubyizera by'ukuri, haguruka. Noneho, zamura ibiganza byawe, maze uvuge uti, “Urakoze, Mwami Yesu, kuba Wankijije.” Imana ibane na we.

MESSAGE hub online
www.messagehub.info

Ibibwirizwa bya
William Marrion Branham
"...mu minsi y'ijwi ..." Ibyah. 10:7